

REPUBULIKA Y'U RWANDA



KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO

UBUTORE DEVELOPMENT CENTRE

**IMFASHANYIGISHO YO GUTOZA
INDANGAGACIRO Y'UBUTWARI**

Kamena 2014

**INDANGAGACIRO 7 Z'IBANZE ZIFASHA U RWANDA
KUGERA KU CYEREKEZO RWIYEMEJE.**

1. UBUNYARWANDA
2. GUKUNDA IGIHUGU
3. UBUNYANGAMUGAYO
- 4. UBUTWARI**
5. UBWITANGE
6. GUKUNDA UMURIMO NO KUWUNOZA
7. KWIHESHA **AGACIRO**

ISHAKIRO

INDANGAGACIRO REMEZO.....	3
ISHAKIRO	5
IJAMBO RY'IBANZE.....	9
0.INTANGIRIRO.....	11
IBIGANIRO BITOZA INDANGAGACIRO Y'UBUTWARI.....	12
IMYUMVIRE Y'UMURYANGO W'ABANTU N'IMPINDURAMATW ARA.....	13
I.1 Intangiriro.....	13
1.2Intego.....	13
I.3 Imyumvire y'umuryango w'abantu/Social Consciousness/ Conscience Sociale).....	14
I.3.1 Ibisobanuro by'amagambo.....	14
I.4 Inzego z'imyumvire y'umuryango w'abantu/Levels of Social Consciousness:.....	15
I.5 Akamaro ko kuzamura imyumvire y'umuryango:.....	18
I.6 .Uburyo bwo kuzamura imyumvire y'umuryango:.....	18
I.7 Intera mu myumvire.....	19
I.8 Impinduramatwara/social transformation.....	23
I.9 Ibikenerwa kugirango impinduramatwara ishoboke:....	24
I.10 Ibiranga impinduramatwara nyakuri :.....	28
I.11 Imigani ishingiyeye ku myumvire.....	29
II.UBUPFURA.....	30

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

II.1 Iriburiro.....	30
II.2 Intego:.....	30
II.3 Ibisobanuro by'amagambo.....	31
II.4 Kirazira zihabanye n'ubupfura.....	36
II.5 Imigani ijyanye n'ubupfura:.....	37
II.6 Indirimbo zijyanye n'ubupfura.....	38
III .UBUTWARI MU RWANDA.....	39
III.1 Intangiriro.....	39
III.1.a Intwari ninde?.....	40
III.1.b Ibiranga ubutwari:.....	40
III.2 Intego.....	41
III. 3 Ibishingirwaho mu kugena inzego z'intwari.....	42
III.4 Ubwitange buhebuje.....	42
III.4.a Akamaro gahebuje, akamaro gahanitse n'akamaro gakomeye.....	42
III.4.b Urugero ruhebuje n'urugero ruhanitse.....	43
III.5 Ibyiciro by'Intwari mu Rwanda:.....	43
III.6 Kwibuka Intwari z'u Rwanda.....	43
III.6.a Kuki twibuka Intwari z'Igihugu?.....	44
III.6. b Abahawe Impeta cyangwa Imidari by'ishimwe:....	44
III.7 Imihigo yo guteza imbere u Rwanda:.....	45
III.8 Intera z'ubutwari:.....	49
III.9 Ibizira ku butwari.....	50
III.10 Ubuzima bw'abantu babaye Intwari.....	50

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

III.11 Amazina y'abanyeshuri b' Inyange bigaga mu mwaka wa 5 n'uwa 6.....	59
III.12 Indirimbo ziranga ubutwari.....	61
IV. AMATEKA Y'URUGAMBA RWA RPF MU KUBOHORA U RWANDA.....	62
IV.1 Intangiriro.....	62
IV.2 Intego.....	62
IV.3. Gusobanura amagambo.....	63
IV.4 Inkomoko ya RPF/RPA.....	63
IV.5 Intego 8 za RPF- INKOTANYI.....	63
IV.6. Gufata Intwaro:.....	64
IV.7 Ibyiciro byari bigize RPA.....	64
IV.8 Intambwe n'inzitizi z'Urugamba rwa RPA muri 1990 – 1991.....	64
IV.9.a Urugamba rugize ubuyobozi bushya.....	65
IV.10.Ibikorwa Commander Kagame Paul yagaragaje.....	66
IV.11 Gusubira inyuma.....	66
IV.12 Ingamba zafashwe.....	67
IV.13 Intambwe n'inzitizi z'Urugamba rwa RPA muri 1992 – 1993.....	67
IV.14 RPA yitegura intambara ebyiri nyuma y'isinywa ry'ama sezerano:.....	69
IV.15 Ingamba z'iterambere n'umutekano mu gihugu.....	71
IV.16 Amasomo dukuramo.....	72

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

IV.17 Imfashanyigisho muri iyi Ndangagaciro.....	72
IV.17.a Indirimbo z’ubutwari.....	72
IV.17. b Imigani/Imvugo.....	72
V. GITARAMO CY’INTORE.....	74
V.1 Intangiriro.....	74
V.2 Intego rusange.....	74
V.3 Intego yihariye.....	75
V.4. Gusobanura amagambo.....	75
V.4.a. Igitaramo ni iki?.....	75
V.4.b Imihigo.....	75
V.5. Amoko y’ibitaramo n’uko byakorwaga.....	75
V.5.a Igitaramo cy’uburereboneragihugu.....	75
V.5.b Igitaramo cyo kuvuga amacumu (inkera y’imihigo) “ <i>accountability</i> ”.....	76
V.5.c Igitaramo cy’umuganura.....	77
V.5.d Igitaramo cy’ubutwari.....	77
V.5.e Igitaramo cy’ibutware.....	77
V.6 Uko igitaramo cyakorwa n’aho cyakorerwa.....	78
V.7 Ingero z’amatorero y’ibitaramo by’umuco.....	78

IJAMBO RY'IBANZE

Hashingiwe ku Itegeko n° 41/2011 ryo ku wa 16 Kamena 2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, mu ngingo yaryo ya 6, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifite intego rusange yo **kubaka umunyarwanda ukunda Igihugu, ukunda umurimo ufite n'indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda kandi ufite umuco w'ubutore.**

Mu ngingo 7, agace ka 3, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifite ishingano yo gutoza Abanyarwanda kwimakaza indangagaciro na kirazira byubakirwaho imibanire n'iterambere ry'Igihugu,

Kugira ngo Komisiyo ishobore gutoza banyarwanda mu byiciro bitandukanye yafashe gahunda yo gutoza ku Mudugudu, mu Mashuri, ku Rugerero no mu Nzego z'Imirimo,

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero itoza Abanyarwanda indangagaciro remezo zikurikira:

- 1. Ubunyarwanda**
- 2. Gukunda Igihugu**
- 3. Ubunyangamugayo**
- 4. Ubutwari**
- 5. Ubwitange**
- 6. Gukunda umurimo no kuwunoza**
- 7. Kwihesha Agaciro**

Izi ndangagaciro remezo 7 zishamikiyeho izindi ndangagaciro z'umuco nyarwanda zitandukanye,

Ni muri urwo rwego Abatoza b'Intore bavuye mu nzego zitandukanye bateguye imfashanyigisho kuri buri ndangagaciro

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

kugira ngo zifashishwe mu gutoza Abanyarwanda mu byiciro bitandukanye.

Hateguwe kandi imfashanyigisho kuri gahunda zikurikira:

1. icyerekezo 2020

2. Imikorere y’Itorero

3. Gahunda y’imitoreze

Kugirango Abatoza b’Intore babashe gutoza ibyiciro bitandukanye by’Abanyarwanda badasobanya, hateguwe **Inyoborabatoza** izabafasha kugera ku ntego n’umusaruro dutegereje.

Komisiyo y’Igihugu y’Itorero irashimira Abatoza bagize uruhare mu gutegura izi mfashanyigisho ikanashimira by’umwihariko uruhare rwa buri Ntore mu gutoza izi ndangagaciro.

RUCAGU Boniface

Perezida wa Komisiyo y’Igihugu y’Itorero

O. INTANGIRIRO

Ijambo ubutwari ni ijambo rikomoka mu kigereki, *hērōs* = Akamana. Ni umuntu ufite umurava udasanzwe no gutinyuka Nk’uko bisobanurwa n’itegeko **no 13bis/2009** ryo kuwa **16/06/2009** rigena Inshingano Imiterere n’Imikorere by’Urwego rw’Igihugu rushinzwe Intwari z’Igihugu, Imidari n’Impeta by’Ishimwe ;

Ubutwari burangwa no « *gukurikirana icyo umuntu yiyemeje kugera aho kivamo igikorwa cy’ikirenga gifitiye abandi akamaro, ibyo bigakorwa mu bupfura no mu bwitange buhebuje, kandi ubikoze akirinda ubugwari mu migirire ye ntagamburuzwe n’amananiza*”.

Naho Intwari ni « *umuntu ukurikirana icyo yiyemeje kugera aho kivamo igikorwa cy’ikirenga kandi gifitiye abandi akamaro. Akabikora mu bupfura, mu kwihangana n’ubwitange bihebuje, kandi akirinda ubugwari mu migirire ye ntagamburuzwe n’amananiza.*»

Ubutwari ni imwe mu Ndangagaciro ikomeye mu Muco Nyarwanda. Ubutwari bushingira ku buhanga bwihariye bubyara ibikorwa by’ubwitange; Ubutwari buba bugamije guhindura imibereho y’umuryango ikarushaho kuba myiza kabone n’ubwo uwabikoze yaba atakiriho; Ubutwari buba bugamije kurwanya ikibi, icyahohotera abaturage giturutse ku bandi cyangwa ku bidukikije; Ubutwari kandi bugaragarira mu bice byose bigize ubuzima bw’Igihugu (Politiki, Imiyoborere, Ubukungu, Ubutabera, Imikorere n’imikoranire etc)

Amateka y’u Rwanda agaragaza ko kuva kera na kare Abanyarwanda bagiye barangwa n’ubutwari, ibyo byagaragariraga mu mibanire yabo ubwabo ndetse no mu

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

mibanire n'ibihugu baturanye. «*abakurambere b'Intwari bitanze batizigama, bahanga u Rwanda ruvamo ubukombe rutsinda ubukoroni na mpatse ibihugu byari byarayogoje Afurika yose, none u Rwanda ruganje mu bigenge tubukomereho uko turi twese... »*

Mu rwego rwo kwimakaza Indangagaciro z'umuco Nyarwanda, Abanyarwanda bo mu byiciro bitandukanye cyane cyane urubyiruko bagomba kumenya kandi bakitoza umuco w'ubutwari hakiri kare nk'uko umwe mu migani Nyarwanda uvuga ko « *igiti kigororwa kikiri gito. »*

Intego rusange.

Nyuma y'iri somo, uwatojwe azaba yumva neza kandi ashobora no gutoza akamaro ko kuzamura umuco w'ubutwari mu Banyarwanda.

IBIGANIRO BITOZA INDANGAGACIRO Y'UBUTWARI

- I. Imyumvire y'umuryango w'abantu n'impinduramatwara
- II. Ubupfura
- III. Ubutwari mu Rwanda
- IV. Amateka y'urugamba rwa RPF mu kubohora u Rwanda
- V. Igitaramo nyarwanda cy'Intore

I. IMYUMVIRE Y'UMURYANGO W'ABANTU N'IMPINDURAMATWARA

I.1 Intangiriro

Umuntu ni we kinyabuzima gifite umutimanama/
consciousness cyonyine. Umutimanama w'umuntu urangwa
n'ibi bikurikira:

- a. Ni umwihariko w'ubwonko bw'umuntu;
- b. Kumenya no kwimenya (Object and subject at the same time);
- c. Gutekereza no kubika ubumenyi (To think and store knowledge);
- d. Gushakashaka no guhimba (Innovation, initiative, creativity);
- e. Guhitamo no gufata ibyemezo (Making choice & Making decision);
- f. Kugaragaza ishyaka.(Emotions, sentiments-Ibyishimo, akababaro, urukundo etc).

1.2 Intego.

Nyuma y'iri somo, uwatojwe yumva neza akamaro ko kuzamura imyumvire iganisha ku butwari mu banyarwanda n'aho bihurira n'impinduramatwara kandi ashobora kubitoza abandi.

Uwatojwe agomba kuba ashobora gusobanura no gutoza ibi bikurikira:

- a. Gutandukanya impinduramatwara n'impinduka
- b. Uko imyumvire ihinduka
- c. Inzego z'imyumvire

- d. Akamaro ko kuzamura imyumvire
- e. Uburyo bwo kuzamura imyumvire
- f. Ibiranga impinduramatwara nyakuri
- g. Impinduramatwara igira uyitangira
- h. Uruhare rw'ibyiciro bitandukanye mu mpinduramatwara
- i. Intera mu myumvire.

I.3 Imyumvire y'umuryango w'abantu/Social Consciousness/ Conscience Sociale).

Imyumvire y'umuryango w'abantu (Society) igizwe n'igiteranyo cy'imyumvire ya buri muntu uri muri uwo muryango/ Individual consciousness ariko imyumvire y'umuryango ishobora guhindura imyumvire y'umuntu mu bawugize kimwe nuko iyo abantu ku giti cyabo bahindutse bihindura imyumvire rusange y'umuryango.

I.3.1 Ibisobanuro by'amagambo

a. Imyumvire y'umuryango :

Ni urusobe rw'ukuntu abantu babona cyangwa bumva ibintu, uko babisobanura, uko bifata, uko bagaragaza ibyifuzo byabo, n'uko bashobora gukemura ibibazo byabo haba mu mibanire, imibereho, imikorere n'imikoranire, isano hagati y'abayobozi n'abayoborwa, ukwakira abakugana ndetse n'ibidafatika (Non-material aspects-Religion, Taboos, Supernatural beliefs etc).

Imyumvire y'umuryango ihora ihindukana n'ibibakikije, ibibatunga n'ubumenyi bafite.

Urugero: Iyo ibikoresho bihindutse n'imyumvire, ururimi, ibyo abantu bemeraga,... birahinduka;

Imyumvire ihindukana n'amateka cyangwa igihe

Urugero: Ibyarangaga umukungu/umukire wa kera mu Rwanda si byo bimuranga ubu,

Imyumvire y'imiryango ituye ahantu hatandukanye na yo iba itandukanye. Urugero: Abatuye mu mijyi ntibagira imyumvire isa n'iy'abatuye mu byaro, imyumvire y'abatuye ibihugu byateye imbere ntisa n'ibikiri mu nzira y'amajyambere ,...

Imyumvire y'umuryango wifungiyeye iwawo itandukanye n'imyumvire y'imiryango yahujwe cyangwa iyaguye amarembo.

b.Impinduramatwara

Impinduramatwara ni impinduka ibaho mu muryango w'abantu mu nzego zose z'ubuzima bwabo (Politiki, Ubukungu, Ubutabera, Imibereho myiza, Imibanire myiza, Imitekerereze, Imikorere, Imikoranire, imyakirire y'abakugana, isano hagati y'abayobozi n'abayoborwa n'imyumvire). Iyo bibaye nibyo byitwa **'Fundamental Change'/Changement fondamental.**); ariko kugira ngo bibe impinduramatwara ni uko ugana aheza kurushaho, birushaho kuba byiza. Iyo bitabaye ibyo ikiba kibaye cyitwa **'Impinduka'/ 'Have mpage' (Change of guards)**.

I.4 Inzego z'imyumvire y'umuryango w'abantu/Levels of Social Consciousness:

Imyumvire y'umuryango w'abantu igaragarira mu nzego ebyiri zikurikira:

- 1) Imyumvire yo ku rwego rwo hasi/rusanzwe/rwa buri muni (Every day level of consciousness);
- 2) Imyumvire yo ku rwego rwisumbuye/rwo hejuru (Theoretical level of consciousness).

a. Imyumvire ku rwego rwo hasi/rwa buri munsi:

Iyi ni imyumvire ijyanye n’imibereho isanzwe ya buri munsi. Abari kuri urwo rwego barangwa n’ibi bikurikira:

- a) Guhangayikishwa n’ibiribwa, imvura, amapfa, inzangano, amacumbi, indwara, ubujura;
- b) Kudasesengura ibibazo no kutareba kure;
- c) Kwigaya ingufu bagatega amaramuko ku bandi cyane cyane ku Mana, Leta mubyeyi, Abagiraneza n’Abaterankunga;
- d) Kuba ba ntibindeba iyo bashoboye kurya no kunywa;
- e) Kudatekereza bihagije ku mibereho y’ejo hazaza ngo babe bazigama. “Bati sakindi izaba ibyari ikindi; Imana nibishaka....”
- f) Kuba bashobora gushukwa no kugirwa ibikoresho vuba kandi hakoreshejwe utuntu duto (Imyambaro, ibiribwa etc.);
- g) Kuba bakoreshwa amakosa bazabazwa mu bihe biri imbere kandi uwabashutse yigaramiye(abakoze jenocide, urubyiruko rutakoze jenocide rwasanze FDLR, ...)
- h) Kuba bagirwa ingwate n’abanyapolitiki bashaka kubakoresha;
- i) Kuba banyurwa na bike, aho kugira inyota yo guhora baharanira akarusho cg inyungu;
- j) Ibindi.

Icyitonderwa: Leta z’igitugu zigamiye gukandamiza abaturatione no kuzabakoresha mu nyungu z’abayobozi

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

ubuziraherezo zikora ibishoboka ngo bahore kuri urwo rwego rw'imyumvire bityo ntibazigere babaza cyangwa basobanuzza.

b. Imyumvire ku rwego rwisumbuye:

Uru ni urwego rwo kwibaza no gusesengura hagamijwe gukemura ibibazo burundu.

Ni urwego rwo kumenya ko umuntu abereyeho guhindura isi (Transformation) ayibyaza ibyo akeneye kugirango irusheho kumunogera.

Ni urwego rwo kumenya ko abantu ari magirirane, ko aribo bazana amajyambere kandi ko kwakirana urugwiro abakugana ari isoko y'amajyambere n'ubusabane.

Ni urwego rwo kumenya ko ubukungu (Resources) buva muri kamere (Nature) ariko bukabyara ubukire aruko buhererekanyijwe hagati y'abantu (Transaction/Exchange of Goods and services).

Ni urwego rwo kuzirikana ko muri iki gihe turi mu ipiganwa (Capitalism system) , gutanga neza serivisi ari yo myumvire n'imikorere ikenewe mu iterambere kurusha ibikingi, amasambu, n'amatungo.

By'umwihariko mu Rwanda kubera Igihugu gito, kidafite amasambu n'inzuri zihagije, tugomba gutungwa no gutanga serivisi!

c. Abari kuri uru rwego barangwa n'ibi bikurikira:

- a) Kwigana ubwitonzi n'ubushishozi ibibazo byabo babihereye mu mizi;
- b) Gusesengura uko biteye n' ikibitera
- c) Gutandukanya impamvu n'ingaruka (Cause and Effect/ Form and Content/Essence and Appearance/Reality and Possibility)

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- d) Kumenya ubabeshya, ubizeza ibitangaza n'ubabwiza ukuri;
- e) Kumenya neza icyo bashaka, uko bakigeraho n'uko bakirinda/protection;
- f) Kugira ubwitange no kurenga amarangamutima;
- g) Gukemura ibibazo burundu kandi bitimukira ku bandi;
- h) Gushyira imbere umuco w'ubufatanye;
- i) Kumenya ko imibereho myiza n'amajyambere bituruka kuri bagenzi bawe;
- j) Guharanira gukira no kumenya ko ubukire buva mu bidukikije no ku bantu batugana (Transaction/ Exchange of goods and services)
- k) Kunoza imitangire ya serivisi ku babagana.

I.5 Akamaro ko kuzamura imyumvire y'umuryango:

Kugirango umuryango w'abantu utere imbere bisaba kuzamura i myumvire ya benshi muri bo bakava ku rwego rwo hasi bakajya ku rwisumbuye (Critical mass). Biragoye, ndetse ntibinashoboka gutera imbere mu gihe benshi mu benegihugu bakiri ku rwego rwo hasi mu myumvire. Iyo abenshi bagifite imyumvire yo hasi baba umuzigo/burden kuri Leta aho kuba ingirakamaro.

I.6 .Uburyo bwo kuzamura imyumvire y'umuryango:

- a. Kubigisha mu mashuri asanzwe kugirango bagire ubumenyi bw'ibanze ibindi bishingiraho;
- b. Kubahugura mu bintu binyuranye bakora;
- c. Gukora ibikorwa byiza bareberaho bakabyigana/Pilot

- schemes;
- d. Kwitabira inama no kuzitangamo ibitekerezo nta mususu;
 - e. Itorero/Ingando;
 - f. Ubukangurambaga mu bya Politiki (Mass mobilisation/ Politicisation);
 - g. Ibiganiro mpaka, nyunguranabitekerezo, mbwirwaruhame;
 - h. Itangazamakuru;
 - i. Impanuro z'abayobozi na Opinion Leaders

Icyitonderwa:

Ubutegetsi bushyize imbere inyungu za rubanda bwihatira kuzamura imyumvire yabo hakoreshejwe uburyo buvuzwe haruguru kugirango bo ubwabo bihutishe amajyambere yabo n'ay'Igihugu aho kukibera umuzigo.

I.7 Intera mu myumvire

Umuntu cyangwa umuryango uhora ashaka kwigumira aho wari uri kabone n'ubwo haba habi (Society has inertia-Resistance to change). Niyo mpamvu bisaba imbaraga kugirango uwutsimbure! Izo mbaraga ziva mu Ntore!

Na none kandi Umuntu agenda azamuka buhoro cyangwa yihuse mu ntera z'ingenzi z'imyumvire zikurikira :

a. Ababirwanya/ Ababyanga/Ababipinga/The hostile group/ Le group hostile:

Aba bashobora kubamo udutsinda duto bitewe n'impamvu babyanga.

Urugero:

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- a) Ababyanga kubera bibangamiye inyungu zabo bwite;
- b) Ababyanga kubera ari ibikoresho by'abafite inyungu bwite;
- c) Ababyanga kubera amakimbirane mato (Minor Contradictions);
- d) Ababyanga kubera ibindi nkabyo byigeze kunanirana cyangwa byakozwe nabi;
- e) Urugero: RAMA na SUREMED; SACCOs na COOPEC, INKOTANYI na INYENZI etc.
- f) Ababyanga kubera gutinya impinduka;
- g) Ababyanga kubera ubujiji.

Icyitonderwa: Uretse aba mbere, abandi bose bashobora guhinduka bakagira akamaro iyo bakanguwe neza. Niyo mpamvu iteka bafatwa nka Potential Allies, ahubwo hakagenwa ingamba zihariye/strategy zo kubakangura, urugero-Abitandukanyije n'abacengezi etc..

A. Abatabyitayeho(abatagira aho babogamiye)/Neutre/ Neutral:

Aba ntibabirwanya, ntibabishyigikira, niba ntibindeba, babura epfo na ruguru, babura ubushyuhe n'ubukonje mu gikorwa basabwa.

Abo nabo babamo udutsinda dukurikira:

- a) Kutabonamo inyungu bwite cyangwa za vuba;
- b) Kudasobanukirwa neza igitekerezo gishya;
- c) Kutizera ko hari ikizahinduka, kwiheba , kumva ko baruhira ubusa;
- d) Gutinya impinduka;

e) Ubujiji.

B. Ababona ko ari byiza/Sympathisers/Sympathisants:

Aba bumva ko ari byiza, bumva ko ari iby'ababitangiye, babifuriza kubigeraho, ariko ntibashake kugira uruhare rugaragara ; n'iyi barugize aba ari ugufasha abo bita ba nyirabyo !

Aba bashobora kubamo udutsinda dukurikira :

- a) Abikunda, abikubira, abiyitaho cyane ;
- b) Abanebwe, abanga kuvunika, abanga gutanga ibyabo (imisanzu, umwanya ...) ;
- c) Abafitanye inzangano, amashyari cyangwa gusuzugurana n'ababitangiye ... ;
- d) Gutinya kubibonekamo kuko binanirana byabagiraho ingaruka ;
- e) Ubujiji.

C. Abashyigikiye/Supporters/Supporteurs :

Aba bumva ko bakwiye kugira uruhare kandi ko bizagira akamaro, ariko ko akamaro kanini kazaba ak'ababitangiye.

Aba bashobora kubamo udutsinda dukurikira :

- a) Ababiterwa n'ibindi nkabyo byigeze kunanirana ;
- b) Ababiterwa n'ibindi nka byo byigeze kwiharirwa na bamwe ;
- c) Ababiterwa n'ubujiji.

D. Abarwanashyaka/ Participants :

Aba bumva ko ari ibyabo, bagomba gutuma bigerwaho, bafite ubwitange, barasobanukiwe kandi bafite inyota yo kumenya ibindi basabwa kugirango ibyifuzwa bigerweho.

E. Abayobozi/Leaders/Cadres :

Aba ni abageze ku rwego rukuru rw'uburwanashyaka.

Barangwa n'ibi bikurikira :

- a) Kwitangira abandi ;
- b) Gushyira imbere inyungu rusange kurusha izabo bwite ;
- c) Kwibwiriza ;
- d) Gushishoza no kureba kure ;
- e) Kuba abanyakuri, abizerwa kandi imvugo ikaba ingiro ;
- f) Kuba intangarugero mu mikorere n'imikoranire ;
- g) Kurenga amarangamutima ;
- h) Kwemera guhugurwa ubutitsa no guhugura abandi ;
- i) Kudasubira inyuma mu gukunda Igihugu kabone n'ubwo baba badafite umwanya w'ubuyobozi.

Icyitonderwa :

- a. Izi ntera si izo muri politiki gusa, ahubwo ni na zo zikoreshwa mu mpinduramatwara mu ivugururwa ry'imirimo ya tekiniki, gahunda nshya z'Igihugu, guhindura imyumviri mu gutanga serivisi ndetse n'abakoze jenocide baciye muri izo ntera.
- b. Kugirango umuntu agere ku ntera yisumbuye, abanza ku ntera zibanza, ariko hari abihuta kurusha abandi, hari n'abaguma ku rwego rumwe !
- c. Intore ubwayo igomba guharanira kuva ku ntera yo hasi ikaba Indongozi muri gahunda zose zisabwa n'Igihugu.
- d. Intore ishinzwe gutuma buri muntu ava ku ntera yariho nibura akajya ku yisumbuye.

I.8 Impinduramatwara/social transformation.

Impinduramatwara ni impinduka ibaho mu muryango w'abantu mu nzego zose z'ubuzima bwacyo (Politiki, Ubukungu, Ubutabera, Imibereho myiza, Imibanire myiza, Imitekerereze, Imikorere, Imikoranire, imyakirire y'abakugana, isano hagati y'abayobozi n'abayoborwa n'imyumvire). Iyo bibaye ni byo byitwa **'Fundamental Change'/Changement fondamental.**); ariko kugirango bibe impinduramatwara ni uko biva i buzimu bijya ibuntu, birushaho kuba byiza. Iyo bitabaye ibyo ikiba kibaye cyitwa **'Impinduka'/ 'Have mpigire' (Change of guards).**

Impinduramatwara kandi iba yo iyo ibyiza byavuzwe haruguru byageze ku muturage usanzwe dore ko ari we foto n'indorerwamo y'ubuyobozi aho buva bukagera aho kuba Cadre Organique/Organigramme, inyito z'inzego za Leta, Ibirango, Amabara, Logo n'ibindi.

Ibi byose iyo ari byiza ariko nta cyahindutse mu buzima bw'umuturage usanzwe, ikiba cyabaye cyitwa Impinduka.

Intore na yo igomba kumenya ko ibigwi byayo bigaragazwa n'ibyiza byageze ku baturage bari mu Rugerero ashinzwe ari na bo ndorerwamo ye.

Impinduramatwara kandi ntireba gusa amakimbirane aterwa n'abantu, ahubwo ireba n'aterwa na kamere/environment ashobora gukemurwa no guteza imbere ubuhanga n'ikoranabuhanga. Ari impinduramatwara ari n'impinduka zishobora kugenda buhoro buhoro/(gradual) cyangwa zikihuta/(violence).

a. Impinduramatwara itangirwa nande ikayoborwa na nde?

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

Muri buri muryango, buri gihe habamo abantu bake basumbije abandi imyumvire n'ibitekerezo byubaka. Aba, iyo batabangamiwe n'ubutegetsu buriho bashobora kuvamo intangiriro y'ibitekerezo bishya. Kubera ubuke bwabo, biba ngombwa ko bashaka abandi bazabafasha.

Impinduramatwara iravuka, igakura, ikagira abayamamaza, ikagira abayitangira, ikemerwa na rubanda ari nayo itanga imbaraga zikenewe.

Impinduramatwara ni igikorwa gikomeye gisaba imbaraga za benshi ariko ibice by'ingenzi ni ibi bikurikira:

- a) **Indongozi/Abayozi:** Aba ni abahanga bareba kure bagategura ibitekerezo ngenderwaho;
- b) **Abatoza n'Intore:** Aba ni abahanga mu kwamamaza no gukwiza amatwara mashya;
- c) **Imbaga/ Rubanda:** Aba ni abaturage bababaye bakeneye ko ibintu byahinduka.

I.9 Ibikenerwa kugirango impinduramatwara ishoboke:

a. Impamvu zifatika z'ubujyaha.

Ibi ni nko kubura ibyibanze mu buzima (Kwamburwa ubuzima nka jenocide, Ibiribwa, Ubuvuzi, amashuri, Igihugu n' uruhare mu miyoborere etc), atari uko bidahari, ahubwo byihariwe n'agatsiko cyangwa byabuze kubera imyumvire ikiri hasi ; iki kibazo kibangamira abaturage basanzwe/bakennye kurusha abandi nyamara aribo bagira imbaraga nyinshi zahindura ibintu.

a) Kugira umurongo mushya w'ibitekerezo byubaka

- b) Ibibazo bivuzwe haruguru byonyine ntibihagije gutuma haba impinduramatwara, hagomba umurongo mushya

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

w'ibitekerezo bizasimbura ibiriho. Iyi ni inyandiko iteguranywe ubuhanaga, igaragaza aho muva, aho mujya n'uburyo bizagerwaho.

c) Gushyiraho inzego zinyuzwamo ibitekerezo bishya/ Organizational Structures

- d) Izi ni inzego kuva hasi kugera hejuru. Zifasha mu guhuza abantu bakamenyana, bakitoramo abayobozi, bagahugurwa, bagahuza ibikorwa bakanahana amakuru n'ibitekerezo mu bari mu itsinda rimwe cyangwa amatsinda akurikiranye/Horizontal and Vertical Communication.

e) Kugira ubuyobozi/Indongozi bwitanga

Aba ni itsinda ry'intiti n'abahanga biyemeje guhindura ibintu kandi bafite imyumvire izamutse. Biba byiza iyo bari mu batangije icyifuzo cyangwa abo bigishije. Bagomba kurangwa n'ibi bikurikira:

- a. Kwitangira abandi ;
- b. Gushyira imbere inyungu rusange kurusha izabo bwite ;
- c. Kwibwiriza ;
- d. Gushishoza no kureba kure ;
- e. Kuba abanyakuri, abizerwa kandi imvugo ikaba ingiro ;
- f. Kuba intangarugero mu mikorere n'imikoranire ;
- g. Kurenga amarangamutima ;
- h. Kwemera guhugurwa ubutitsa no guhugura abandi ;
- i. Kudasubira inyuma mu gukunda Igihugu kabone n'ubwo baba badafite umwanya w'ubuyobozi.

j. Guhanga udushya no kwigira kuby'ahandi

b. Kugira Intore zikomeye/Astrong cadreship ;

Izi ni Intore zatojwe kuba umusemburo w'impinduramatwara bakwirakwiza kandi bakangirira abandi ibitekerezo n'ibikorwa bishya bizahindura Igihugu.

Intore nyakuri irangwa n'ibi bikurikira :

- a) Ibyavuzwe haruguru ku bayobozi/indongozi byose ;
- b) Kuba yemewe n'amategeko cyangwa umuco w'abo ashinzwe kandi bamwibonamo ;
- c) Kuba azi neza abo ashinzwe (Umuco, amateka, ibyo banga, ibyo bakunda, ubushobozi, ibibazo, ibyifuzo etc..) ;
- d) Kuba yemera ibyo akangurira abandi kandi ibifitemo ubumenyi buhagije ; akirinda kuba « Nanjye binyobere ! »
- e) Kuba afite ubuhanga bwo gusobanurira abantu batandukanye (Intellectual, youth, women, etc) ibyo bagomba gusobanukirwa ;
- f) Kuba afite ubushobozi bwo kwemeza abantu gahunda za ngombwa zitumvikanwaho na benshi (Necessary and unpopular policies) ;
- g) Kuba afite imvugo itanyuranyije n'umuco w'abo ashinzwe, ariko nanone akubahiriza amategeko ariho/ yanditse ;
- h) Kuba azi gutara amakuru ajyanye n'inzitizi yahura nazo mu kazi ashinzwe no gushaka umuti hakiri kare ;
- i) Kuba ashobora gukorana n'abantu batandukakanye , ahantu hatandukanye/situations no mu bihe

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

bitandukanye ;

- j) Kuba arangwa no kwakirana urugwiro abamugana ;
- k) Guharanira guhiga abandi, ari nako azamuka mu ntera zavuzwe haruguru.

c. Kwirinda ibyasubiza inyuma impinduramatwara.

Intore nyakuri izirikana ko nta rugamba rutagira abagambanyi, ibisambo, injiji n’abarwanya ibintu ku mpamvu zidasobanutse.

Intore nyakuri kandi ikwiye kubabazwa no kuba ibyayivunnye byaba imfabusa igihe itagifite imbaraga cyangwa itakiriho, bityo igategura hakiri kare abazusa ikivi yatangiye.

Ni yo mpamvu mu mikorere yayo Intore izirikana ibi bikurikira :

- a) Kumenya ko buri kintu gishya mu muryango w’abantu kigomba kugira abakirwanya kabone n’ubwo cyaba cyiza, kubera inyungu bwite, ababaye ibikoresho by’umwanzi, kudasobanukirwa igitekerezo gishya, amakimbirane mato, inzangano, amashyari no gusuzugurana n’abazanye igitekerezo gishya, kubera ibindi nkabyo byigeze kunanirana cyangwa byakozwe nabi, gutinya impinduka, n’ubujiji.
- b) Kumenya neza impamvu zituma umuntu runaka cyangwa itsinda runaka rirwanya gahunda nshya kandi nziza kugirango bigufashe guhitamo ingamba (strategy) wakoresha mu kubahindura.
- c) Kuzirikana ko Intore ishobora gusabwa gukwiza no kwamamaza gahunda zimwe zitemerwa na bose (Gutura mu midugudu, Gusaranganya ubutaka, Gusenyera

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

abatuye mu kajagari, crop specialisation etc.), bityo igategura ingamba zo kubigeraho.

- d) Kuzirikana ko hari gahunda abayobozi batanga kandi itazashoboka bityo Intore igasabwa gukora isuzuma rihoraho, gutanga raporo z'ukuri kugirango ababishinzwe bahindure ingamba hakiri kare.
- e) Kwibanda ku bantu bakiri bato kuko aribo bahinduka vuba kandi bakazanakomeza impinduramatwara.

I.10 Ibiranga impinduramatwara nyakuri :

Mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere buri butegetsi bushya buza buririmba ko buje gukora Revolution/Social Transformation, ku buryo dukwiye kumenya ibiranga impinduramatwara nyakuri, aribyo ibi bikurikira :

- a) Igomba kuba igitekerezo cy'umwimerere cy'abenegihugu (Social revolution can not be imported/exported) ;
- b) Igomba kuba ari intambara hagati y'abarengana n'ababarenganya gusa ;
- c) Imirimo y'ingenzi igomba gukorwa na banyir'ubwite (Abenegihugu) ;
- d) Ibikoresho nkenerwa bigomba gutangwa/gushakwa na banyir'ubwite (Abenegihugu) ;
- e) Igomba kuba idashingiye ku ruhare rw'amahanga haba mu buyozi n'ibikorwa ;
- f) Igomba kuba idakemura ibibazo by'itsinda rimwe ngo ibyimurire ku rindi ;
- g) Igomba gutanga amahirwe angana ku itsinda ryatsinze n'abakomoka ku itsinda rya tsinzwe ;

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- h) Igomba kuba igamije guhindura ubuzima bwose bw'Igihugu ;
- i) Igomba kuba ikura ibintu mu bibi bijya mu byiza kandi mu buryo burambye.

I.11 Imigani ishingiyeye ku myumvire

- a. Ibijya gushya birashyuha.
- b. Uyambariza ku ishyiga ikagusiga ivu
- c. Imana ifasha uwifashije
- d. Umugabo arigira
- e. Umwana apfa mu iterura
- f. Igiti kigororwa kikiri gito

Umwanzuro

Kugira ngo umuryango w'abantu utere imbere ni ngombwe ko abawugize babanza guhinduka Ibyo bisaba ko hari abajya imbere y'abandi, bakabyigisha bakabyitangira. Abantu ntabwo bahindukirira rimwe kandi imyuvire yabo iba itandukanye.

Icyo ngombwa ni uko abari imbere bafasha abari inyuma buhoro buhoro imyumvire ikagenda igerwaho. Ibyo ni byo bituma impinduramatwara ishoboka kugira ngo igihugu kigere ku byiza bya benshi.

Impinduramatwara isaba ibi bikurikira: kugira abayitangira , ibiyiranga ndetse n'intwambwe zigenda zigerwaho buhoro buhoro.

II. UBUPFURA

II.1 Iriburiro

Ubupfura ni inkingi ikomeye mu muco nyarwanda. Ubupfura ni ipfundo ry'umuco nyarwanda, bukubiyemo ibyiza byose bibaho ku muntu nk'ubunyangamugayo, ubutwari, ubusabane, ubudahemuka, kutica amasezerano, kuba umwizerwa n'umunyakuri kandi imvugo ikaba ingiro , kwiyubaha no kubaha abandi , kwicisha bugufi.

Ubwo bupfura bukaba bugaragarira mu mvugo no mu ngiro y'umuntu bigatuma ababimubonyeho bamwishimira bakaba banamufataho urugero rwiza bagombye gukurikiza.

II.2 Intego:

yumay'iri somo, uwatojwe azabayumvaneza akamaro k'ubupfura mu mibanire ye n'abandi kandi nawe ashobora kubyitoza mu buzima bwe n'isano ubupfura bufitanye n'ubutwari.

Uwatojwe agomba kuba yumva neza ibi bikurikira:

- a. Ubunyangamugayo
- b. Kurangwa n'indangagaciro na Kirazira
- c. Ubudahemuka
- d. Kwihangana no kwihanganira abandi
- e. Kuzuza amasezerano
- f. .Kwiyoroshya
- g. Kujya inama
- h. Gushima no gushimira
- i. Gushishoza

- j. Kwimenya
- k. Gukorera ku mihigo mu buzima.

II.3 Ibisobanuro by'amagambo.

- a. Ubupfura** ni imico myiza, igororokera abandi, irangwa n'ubudahemuka, umutima w'impuhwe n'imbabazi, kutirata, kwanga umugayo, kwitwararika kuri bose no kuri byose.
- b. Imfura** irangwa n'urugwiro, ikakira neza abayigana, ntiyandavura, ntiyica umugambi, yubahiriza igihe, ntiyivunda, irangwa n'ukuri, iratuzza, ikoroshya kandi ikorohera n'abandi. Imfura ni inyangamugayo, yanga icyatuma igaragara nabi.

Padiri Byusa Eustache yatatse ubupfura muri aya magambo :

Imfura ni iyo musangira ntigucure, mwaganira ntikuvemo, waterwa ikagutabara wapfa ikakurerera. Ni ikira ntiyirate, yakena ntihemuke.

Ubupfura buturuka kumyumvire ihanitse iranga umuntu w'imfura, buraharanirwa kandi ni urugendo rerure, ruhoraho rusaba guhora witwariritse igihe cyose.

Mu ndangagaciro zishamikiye ku bupfura harimo kwiyoroshya, kujya inama, kubaha amasezerano, kuvugisha ukuri, gushima no gushimira, ubudahemuka, kwihangana, ubworoherane, ubushishozi, kuba intabera no kwanga umugayo.

c. Ubunyamamugayo

Ubunyamugayo ni kimwe mu bigize ubupfura mu muco wa kinyarwanda. Ni uguhora wirinda icyagutera icyasha,

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

cyaba giturutse mu mvugo mu myitwarire cyangwa mu migirire.

Ubunyangamugayo ni indangagaciro ishamikiyeho izindi nk'Ubumuntu, kwiyoroshya, ubutabera, ukuri, uburinganire, kubaha ubuzima bawe n' ubw'abandi, kubaha umuryango, kubaha uburenganzira bwa muntu n'ibindi.

Imfura yanga ikintu kibi cyayitesha agaciro. Kugira ngo buri muntu abane neza n'abandi, yiheshe agaciro kandi adasuzuguritse, agomba kwanga umugayo.

d. Indangagaciro

Indangagaciro ni imyumvire, imitekerereze, imyifatire n'imigirire myiza iranga umuryango runaka w'abantu, bemera kandi barata, bibahesha agaciro, bifuza ko byahora bibaranga bikanabitirirwa uko ibihe biha ibindi, bityo bikaba amahame y'uburere atozwa abana b'umuryango runaka.

Indangagaciro ni imigenzo myiza y'imbonezabupfura abanyarwanda basabwa kubahiziriza kugirango babashe kubahana kubana neza, gusobeka ubumwe bikabahesha amahoro, ishema, icyubahiro n'igitinyiro.

e. Kirazira

Ni uburyo bwo gukumira no kurinda ingeso mbi n'imyitwarire igayitse ishobora guteza umuryango ubusembwa bigahungabanya imibanire myiza, ubumwe, amahoro, ishema, icyubahiro n'igitinyiro cyawo.

Uko umuntu agenda arangwa na kirazira agenda atakaza ubupfura, kandi kubura ubupfura ni ugapfa uhagaze.

f. Ubudahemuka

Ubudahemuka ni imyitwarire irangwa no kutanyuranya n'icyo ugomba cyangwa ukwiye gukorera undi. Ni ugutekereza uwakugiriye neza cyangwa uwakugiriye akamaro¹. Imfura yanga guhemuka. Niyo mpamvu abakurambere bavuze bati « iyo upfuye udahemutse uba uri imfura ».

g. Kwihangana no kwihanganira abandi

Abakurambere bavuze bati « imfura ishinjagira ishira cyangwa ngo imfura igwa mu mfuruka ». Imfura yihanganira ibizazane ihura na byo. Imfura yanga ikibi cyose n'icyatuma igaragara nabi.

Imfura yihanganira intege nke n'amakosa y'abandi, bitabujije ko ibagira inama kugirango bahinduke

h. Kuzuza amasezerano

Baca umugani mu kinyarwanda ngo « aho imfura zisezeraniye niho zihurira ihatanze indi irahanambira ». Ibi bigaragaza ko imfura igomba kubahiriza amasezerano yagiranye n'abandi.

i. Kwiyoroshya

Indangagaciro yo kwiyoroshya ni imwe mu ziranga imfura. Uwiyoroshya yakirana buri wese urugwiro, ntiyirata, ntiyikuza, ntashaka ibyuhahiro, ashyira mu gaciro kandi atega amatwi ibitekerezo bya buri wese.

j. Kuja inama

Umuntu w'imfura arangwa no kujya inama, bityo akaba

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

yemera kugirwa inama iyo yasobwe ku nshingano cyangwa ku migenzereze ye, iyo abona hari icyo agomba gukora ariko atabona neza uburyo ari bugikoremo agisha inama.

Imfura kandi yemera kugira abandi inama. Ni wa wundi ubona ibitagenda agatinyuka kubwira ubikora ati sigaho ibyo si iby'i Rwanda. Ni wa wundi ubona ikibi akakinenga agamije kugira ngo uwo bireba yikosore. Ni wa wundi ubona icyiza akagishima agamije kugira ngo cyimakazwe.

k. Gushima no gushimira

Imfura iyo yanyuzwe irashima kandi ikabigaragaza mu mvugo cyangwa mu mpano, bikaba ikimenyetso cy'uko imfura yanyuzwe n'imibereho, imikorere n'imyitwarire ya mugenzi we, bigatuma bashimangira ubucuti. Iyo imfura yabaga yagabiwe, yagombaga kuzirikana icyo gikorwa cy'urukundo, bigatuma yitura mugenzi we. Kwitura kikaba cyari ikimenyetso cyo gushimira uwakugiriye neza.

1. Gushishoza

Imfura yirinda guhubuka. Icyo igiye gukora igikorana ubushishozi; ifata icyemezo gishingiye k'ukuri no gushyira mu gaciro.

m. Kwimenya/kutirarira

Buri muntu wese agira ibyo ashoboye n'ibyo adashoboye bitewe na kamere ye, uburere, uburezi yahawe n'ibyo yacyiyemo mu mateka y'ubuzima bwe.

Niyo mpamvu umuntu akwiye gufata icyemezo gishingiye kukwimenya kugirango yirinde kwigerezaho cyangwa kwisuzugura.

Uwigerezaho ni uwiha intego irenze cyane ubushobozi bwe

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

bityo akaba yatakaza ubuzima, umutungo, igihe n'icyubahiro kubera ko atageze kuri ya ntego yiyemeje bitewe no kutimenya bihagije.

Uwisuzugura ni ugaya ubushobozi bwe, akumva iteka ko ntacyo ashoboye bityo akiha intego iri hasi y'ubushobozi bwe.

Ibi byose bituma atazamuka mu myumvire n'imyitwarire bityo ubupfura bukadindira

n. Gukorera ku mihigo mu buzima.

Mu gihe cy'abami, Umwami yahabwaga intego/icyerecyezo azageze ku gihugu, ndetse agahabwa n'izina ry'ubwami rimwibutsa icyo ashinzwe kurusha ibindi. (Kigeli-Mibambwe; Mutara-Cyilima; Yuhi.

Ni ukuri uyu muco ubu u Rwanda rufite icyerecyezo cya 2020, inzego z'imirimo n'imiryango bafite imihigo.

Imihigo ni ukugira intego no kuyitangariza bandi, haba mu mibanire, imibereho, ubukungu, ubutwali etc, utayigeraho ukitwa ikigwari imbere y'abo wayitangarije etc...

Ni uguharanira guhiga cyangwa kurusha abandi , ukaba indashyikirwa mu byo ushinzwe.

Ni ukwemera ko abandi baguhize, ugafata ingamba z'ubutaha kandi ukubaha abaguhize.

Ni ukugira ishyaka ritari ishyari kubo muhiganwa.

Ni ukugira igihe cyo kwisuzuma no gusuzuma abandi hagamijwe kwikosora.

Ni ukwigira ku bandi ibyiza bagezeho nawe ukabigira intego.

Muri iri rushanwa, igihugu muri rusange kibyungukiramo kuko buri wese aba akora yimazeyo maze igiteranyo cya byose kigafasha igihugu kugera ku cyerekezo cyiyemeje.

Kwesa imihigo ni ubutwari buganisha ku kwiteza imbere, guteza imbere umuryango no guteza imbere igihugu.

II.4 Kirazira zihabanye n'ubupfura

Bimwe mu bibangamira indangagaciro y'ubupfura n'ubunyangamugayo ni uguhemuka, kwiendarika, kubeshya na ruswa.

a. Guhemuka

Guhemuka ni ukudakurikiza amasezerano wagiranye n'abandi. Umuhemu ni wa wundi ukorera abandi ikintu kibababaza, ntanashobore gufasha ubimusabye ; umuhemu ntanamenya uwamugiriye neza. Uhemuka aba ari umugizi wa nabi kuko kwica amasezerano, gutererana abandi no gukora ibinyuranye n'ibyo abandi bakora bigira ingaruka mbi kubabikorewe. Abahemu badindiza iterambere ry'umuryango n'iry'igihugu.

b. Kwiendarika

Kwiendarika ni ukwitwara mu buryo bunyuranye n'imwitwarire ishimiye n'umuryango urimo. Urugero : ubusinzi, ubusambanyi

c. Kubeshya

Kubeshya ni ukutavugisha ukuri. Ingaruka zo kubeshya ni ukuyobya abantu bigatuma hafatwa ibyemezo bibangamiye abandi. Kubeshya bishyigikira amahugu, inzangano n'akarengane.

d. Kwikuza

Abikuza ni abantu bakunda ikuzo. Bahora bashaka kugaragaza ko ibyakozwe byose ari bo bagize uruhare rukomeye kandi bakumva bakwiye guhora ari bo babishimirwa bonyine. Baba bashaka imyanya y'ibyubahiro niyo byaba bitubahirije amategeko.

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

Abantu nk'abo babangamira ubufatanye hagati yabo na bagenzi babo kandi bigatuma icyizere bafitanye kigabanuka.

e. Kwirata

Kwirata ni ingeso igaragarira mu guhora umuntu yishyira heza, yivuga uko atari kandi akabikorana umugambi wo gutesha agaciro abandi, asuzugura bagenzi be n'ibyo bakoze cyangwa bavuze. Umwirasi ariyemera cyane, akikunda, akanirarira.

f. Kugira umururumba

Umuntu utanyurwa n'uko ari n'ibyo atunze arangwa n'umururumba, ubusambo n'inda nini bikaba byamutera kwiba cyangwa kurigisa iby'abandi. Bamwe bashobora no gukora ubundi bugizi bwa nabi harimo kurimanganya, kubeshya no kwica ngo bigwizeho ibintu. Inda iba yasumbye umutima nta bumuntu bafite.

g. Gutsimbarara ku kibi

Gutsimbarara ku kibi bigaragaza ubutagondwa, bikaba byatuma ubikora arangwa n'ubugome n'urugomo, guhembera amacakubiri, guhora mu ntonganya, irondakoko, inzangano, ishyari n'izindi ngeso mbi zibangamira ubumwe bw'abantu.

II.5 Imigani ijyanye n'ubupfura:

- a. Imfura ishinjagira ishira
- b. Imfura igwa mu mfuruka
- c. Abajya inama Imana irabasanga
- d. Abibiri bajya inama Baruta ijana rirasana.
- e. Ugira Imana abona umugira inama
- f. Kwihangana bitera kunesha.
- g. Akebo kajya iwamugarura

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- h. Agasozi kazamutse inka kamanuka indi
- i. Ubupfura buba munda.
- j. Aho imfura zisezeraniye niho zihurira ihatanze indi irahanambira
- k. Ugira neza ukayisanga imbere.
- l. Uwihanganye akama ishashi
- m. Wima amaraso Igihugu imbwa zikayanywera ubusa.

II.6 Indirimbo zijyanye n'ubupfura

(Shaka indirimbo zitoza Ubupfura)

Umwanzuro

Ubupfura ni indangagaciro iganisha ku butwari kuko ntawaba intwari atarangwa n'ubupfura. Imfura itambuka yemye ntawe uyikoma imbere. Ubupfura buraharanirwa, buritozwa. Ubupfura bubumbiyemo izindi ndagagaciro zibusigasira ari zo: Ubunyangamugayo, kurangwa n'indangagaciro na kirazira, ubudahemuka, kwihangana no kwihanganira abandi, kuzuza amasezerano, kwiyoroshya, kujya inama, gushima no gushimira, gushishoza, kwimenya, gukorera ku mihigo mu buzima.

III .UBUTWARI MU RWANDA

III.1 Intangiriro

Mu mateka y’abakurambere bacu, ubutwari ni imwe mu ndangagaciro ziranga Abanyarwanda. Ibyo byagaragariraga mu myitwarire yabo ya buri muni, kandi bigakorwa n’ingeri z’abantu bose batojwe uwo muco w’ubutwari. Bamwe mu banyarwanda bagaragaje ubutwari buhebuje mu bihe bya vuba, aho babohozaga Abanyarwanda bari bibasiwe n’ingoma y’igitugu, kugeza aho bamwe muri bo bemeraga guhara amagara yabo kugira ngo barokore inzirakarengane zari zibasiwe n’ababisha.

Leta y’Ubumwe, iyobowe na FPR-INKOTANYI imaze kubona ingaruka zikomeye zatewe n’amahano ya Jenocide yatewe n’ubutegetsu bubi, ubujiji bw’abaturage, kutagira umuco wo gukunda Igihugu n’ubutwari bwo kwanga ikibi;

Leta kandi ishingiyeye ku ihame ry’uko dukwiye kujya twikemurira ibibazo ubwacu aho gutega amaso ahandi;

Leta kandi ishingiyeye ku ihame ryo gukemura ibibazo dushingiyeye ku ndangagaciro na kirazira bisanzwe mu muco wacu;

Leta kandi ishingiyeye ku bikorwa by’indashyikirwa byagaragajwe na bamwe mu Banyarwanda b’ibihe bitandukanye ; yiyemeje kwimakaza umuco w’ubutwari.

Ubushakashatsi bwashyize ku rutonde Intwari 53 ku ikubitiro, hashyirwaho Umunsi Ngarukamwaka w’Intwari z’Igihugu, uba tariki **1 Gashyantare**, ndetse hanashyirwaho Urwego rw’Igihugu rushinzwe Intwari z’Igihugu, Imidari n’Impeta by’Ishimwe.

III.1.a. Intwari ninde?

Intwari ni umuntu ukurikirana icyo yiyemeje kandi atabibwirijwe kugera aho kivamo igikorwa cy'ikirenga kandi gifitiye abandi akamaro ; Abikora mu bupfura n'ubwitange bihebuje, akirinda ubugwari no kugamburuzwa n'amananiza.

Abikora agamije inyungu rusange kurusha inyungu bwite dore ko abikora atayobewe ko yanabizira.

Ubutwari bushingira ku buhanga bwihariye bubyara ibikorwa by'ubwitange;

Ubutwari buba bugamije guhindura imibereho y'umuryango ngo irusheho kuba myiza kabone n'ubwo uwabikoze yaba atakiriho;

Ubutwari bwabaye buba buzahinduka isomo mu bihe biri imbere cyane cyane ku rubyiruko, rugaharanira kurusha bakuru babo;

Ubutwari buba bugamije kurwanya ikibi, icyahohotera abaturage giturutse ku bandi cyangwa ku bidukikije;

Ubutwari kandi bwagaragariraga mu bice byose bigize ubuzima bw'Igihugu (Politiki, imiyoborere, ubukungu, ubutabera, imikorere n'imikoranire etc)

III.1.b. Ibiranga ubutwari:

Nk'uko bigenwa n'itegeko **no 13bis/2009** ryo kuwa **16/06/2009** rigena Inshingano Imiterere n'Imikorere by'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe ; ugirwa Intwari n'uwaranze n'ibikubiye mu ngingo icyenda zikurikira :

- a) Kugira umutima ukomeye kandi ukeye:** kugira umutima udatinya, gushyigikira icyiza, kugaragaza ikibi no guhangara kukirwanya kandi uzi neza ingaruka;

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- b) Gukunda igihugu:** gushyira imbere no guharanira ubusugire, iterambere, ishema by'igihugu n'ubumwe bw'abagituye;
- c) Kwitanga:** kwigomwa inyungu zawe bwite, guharanira inyungu rusange byaba ngombwa ugarahara ubuzima;
- d) Kugira ubushishozi:** kureba kure no kumenya ukuri kutagaragarira buri wese;
- e) Kugira ubwamamare mu butwari:** kurangwa n'ibikorwa by'ubutwari bizwi kandi bishimwa na benshi;
- f) Kuba intangarugero:** kurangwa n'ibikorwa bihebuje, bibera abandi urugero rwiza;
- g) Kuba umunyakuri:** kurangwa n'ukuri kandi ukaguharanira ntutinye no kuba wakuzira;
- h) Kugira ubupfura:** umuco ugaragarira mu matwara meza, imibereho, imyifatire n'imibanire n'abandi;
- i) Kugira ubumuntu:** kurangwa n'umutima ukunda abantu ku buryo buhebuje aho kubarutisha ibintu.

III.2 Intego

Nyuma y'iri somo, uwatojwe azaba azi neza amateka y'ubutwari mu Rwanda, yakwiremamo ishyamba ryo kugera ikirenge mu k'Intwari z'u Rwanda kandi ashobora kubisobanura no kubitoza abandi. Urangije Itorero agomba kuba azi neza kandi ashobora gutoza abandi ibi bikurikira:

- a. Ubutwari ni iki?
- b. Ibiranga ubutwari
- c. Ubutwari bwatwazwaga he?
- d. Imico y'ubutwari

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- e. Imigani, imvugo, indirimbo ziranga ubutwari
- f. Inzego z'Intwari mu Rwanda
- g. Impamvu umunsi w'Intwari wizihizwa mu Rwanda
- h. Ubuzima bw'abantu babaye intwari mu Rwanda (Intwari zemejwe n'igihugu)

III. 3 Ibishingirwaho mu kugena inzego z'intwari

Igena ry'inzego z'Intwari rishingira kandi ku bimenyetso bikurikira:

- a. Ubwitange buhebuje Intwari yagize;
- b. Akamaro Intwari yagize;
- c. Urugero Intwari yatanze.

III.4 Ubwitange buhebuje

Ubwitange buhebuje bugaragarira mu gukora utizigama, ukigomwa inyungu zawe bwite ushyira imbere inyungu rusange n'iz'igihugu, ndetse byaba ngombwa ugahara ubuzima.

III.4.a. Akamaro gahebuje, akamaro gahanitse n'akamaro gakomeye

Akamaro gahebuje kagaragarira mu gikorwa cyo guhanga Igihugu cyangwa kugikura mu kaga, n'ibindi bikorwa bihindura cyane mu buryo bwiza imibereho rusange y'Abanyarwanda bose mu buryo burambye. Akamaro gahanitse kagaragarira mu gikorwa giteza imbere cyane imibereho n'ubumenyi kandi gihindura mu buryo bwiza imyumvire rusange y'Abanyarwanda bose. Akamaro gakomeye kagaragarira mu gikorwa gihindura cyane mu buryo bwiza imibereho rusange y'Abanyarwanda benshi.

III.4.b. Urugero ruhebuje n'urugero ruhanitse

Urugero ruhebuje ni igikorwa Abanyarwanda bose kandi b'ibihe byose bareberaho kugira ngo kibabere urugero rwiza. Urugero ruhanitse ni igikorwa Abanyarwanda benshi kandi b'ibihe byose bareberaho kugira ngo kibabere urugero rwiza.

III.5 Ibyiciro by'Intwari mu Rwanda:

a. IMANZI: Ni Intwari y'ikirenga yagaragaje ibikorwa by'akataraboneka birangwa n'ubutwari, akamaro n'urugero bihebuje. Muri uru rwego harimo :

a) INGABO ITAZWI

b) Major General FRED GISA RWIGEMA.

b. IMENA: Ni Intwari iyinga imanzi (Iya kabiri), inkwakuzi mu bikorwa byiza birangwa n'ubwitange, akamaro n'urugero bihebuje. Muri uru rwego harimo:

a) Umwami MUTARA III RUDAHIGWA,

b) Mme AGATA UWILINGIYIMANA,

c) Bwana RWAGASANA Michel,

d) Sr. FELICITE NIYTEGEKA,

e) ABANYESHURI B'INYANGE.

c. INGENZI: Ni Intwari iyinga Imena, inkwakuzi mu kugaragaza ibitekerezo cyangwa ibikorwa by'ingirakamaro bikomeye. Muri uru rwego nta ntwari zirashyirwamo.

III.6 Kwibuka Intwari z'u Rwanda

Itariki ya Mbere Gashyantare **(01/02)**, Umunsi u Rwanda rwibuka Intwari zarwo

Tariki ya mbere Gashyantare buri mwaka, u Rwanda rwizihiza umunsi w'Intwari. Ubusanzwe, iyo hatabaye amapfa, Gashyantare ni igihe Abanyarwanda baba bejeje imyaka inyuranye, hari ikirere cyiza kandi abaturage baguwe neza.

III.6.a. Kuki twibuka Intwari z'Igihugu?

- a) Ni uko ari inshingano zacu **gushimira** Abanyarwanda bagaragaje ibikorwa n'ibitekerezo by'ingirakamaro byatumye u Rwanda rugira ishema n'isheja, ijabo n'ijambo mu ruhando rw'amahanga;
- b) Ni uko biduha umwanya wo **kurera** abana bacu tubamenyesha izo Ntwari n'ubutwari zagize nabo bagakurana ishyaka ryo kuzaba intwari;
- c) Ni uko bidufasha **gutoza** abanyarwanda umuco wo gukunda Igihugu n'abagituye;
- d) Ni uko bidufasha **kumenya abo dukesha ibyiza byose** bitatse u Rwanda;
- e) Ni uburyo bwiza bwo kwerekana **ko amahanga ataturusha imihigo**, ko ijabo riduha ijambo rikomoka ku Ntwari zacu.

III.6. b. Abahawe Impeta cyangwa Imidari by'ishimwe:

Ku munsi w'Intwari kandi twibuka abahawe Impeta cyangwa Imidari by'ishimwe n'ubuyobozi bukuru bw'igihugu, kubera ibikorwa by'indashyikirwa mu mutekano, ubumwe, ubumuntu, umurimo, ubucuti. Uwo munsi ndetse hashobora no kuba hatangwa izindi mpeta n'Imdari by'ishimwe.

Hamaze gutangwa ubwoko 2 bw'Imdari ku bantu bagera kuri 49 batoranyijwe mu ba sirikare n'abasivire bagize uruhare mu kubohora Igihugu no kurwanya Jenoside aribwo:

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- a. Umudari wo kubohora Igihugu witwa URUTI
- b. Umudari wo kurwanya Jenoside witwa UMURINZI.

Ubushakashatsi ku bahabwa Imidari n'Impeta by'ishimwe buracyakomeje bukaba bukorwa n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe.

III.7 Imihigo yo guteza imbere u Rwanda:

Mu gihugu gifite umutekano n'umudendezo, nititwakwifuza gusubira mu ntambara, ngo dukunde tubone abagaragaraho ubutwari ku rugamba rwo kubohora Igihugu cyangwa guhagarika Jenoside.

Nta na rimwe Igihugu kiba kidafite ibibazo byananiranye n'ubwo bisumbana mu bihe bitandukanye.

Buri muntu yakwitoza umuco w'ubutwari yiha intego yo gufatanya n'abandi mu bikorwa byifuzwa mu gihe tugezemo, yarusha abandi akaba yagirwa Intwari. Bimwe muri ibyo bikorwa ni ibishingiye ku bibazo biremereye Igihugu bikurikira:

- a. Ibibazo by'ubukungu;
- b. Ibibazo bijyanye n'ubutaka buto;
- c. Ibibazo by'ubucuruzi;
- d. Ibibazo by'inzeho z'imirimo;
- e. Ibibazo by'ubuzima no kuboneza urubyaro;
- f. Ibibazo by'ideni ry'Igihugu;
- g. Ibibazo by'ingaruka ya Jenoside.

Uwakenera kuba Intwari kandi yashingira ku mihigo y'Igihugu iriho ikurikira:

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- a. Imihigo ya EDPRS 2008-2012;
- b. Imihigo y'ikinyagihumbi MDGs/ODM 2015;
- c. Imihigo ya Vision 2020.

Ubutwari bugaragarira mu bihe bikomeye by'umuryango w'abantu uba wacyemo.

Urugero rw'ibihe bikomeye mu Rwanda rwagize byagaragaje ubutwari cyangwa ubugwari bw'abarutuye.

Muri 1954 : Hashinzwe «Mouvement Social Muhutu (MSM)».

Muri 1957 : Hasohotse «Manifeste des bahutu» yigisha urwango ku mugaragaro.

Muri 1959 : 25/7 Umwami RUDAHIGWA yarishwe.

Muri 1959 : 1/11 Hatangiye kwica, gutwikira no kumenesha Abatutsi mu Gihugu (umwaka 2009 twibutse imyaka 50 bibaye).

Ivuka rya Parmehutu n'ubutegetsi kwasizwe n'abakoroni; ingengabitekerezo ya ba nyamwinshi yazanywe na "Harroi" ayisigira "Perraudin" na Parmehutu ya "Logiest" ikomezwa na Kayibanda Habyalimana – Sindikubwabo byabyaye GENOCIDES. Muri iki gihe haracyari ibisigisigi na baringa byabo bagikoresha, haba mu Rwanda no hanze yarwo

Ibihe bikomeye abanyarwanda bagize

1959-1994 : Abanyarwanda babaye impunzi za mbere nyinshi muri Afurika zahungiyeye mu bihugu bitandukanye :

- I Burundi bagiye : Mushaha, Kayongozi, Muramba, Kigamba, Cibitoke, Gasenyi, Kayogoro;
- I Uganda baja : Nakivale, Nshungerezi, Gahunge, Cyangwari;

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- I Kongo bagiye : Bibwe, Kalonge, Hura, Bwegera, Gatobwe;
- I Tanzaniya bagiye : NKwenda, Kayisho, Kimuri (karagwe), Mweso, Muyezi;
- Mu Mijyi babaye : Dar es Salam, Kampala, Bujumbura, Goma, Kinshasa, Lubumbashi, Bukavu, Bruxelles, Montreal, Toronto, Londres, Losane, Brazaville ;
- Mu Rwanda bacirwa na leta ya PALMEHUTU ya Kayibanda mu Bugesera, Sake, abandi baturage basigaye mu makomini yose babagira imfungwa mu gihugu bababuza kugenda mu gihugu cyabo nta laissez passer.
- Nyuma yo gukora genocide yakorewe abatutsi , abanyarwanda bagizwe ingwate n'ingoma y'abiyise abatabazi i Mugunga, Panzi, Kibumba, Ndjiapanda , i Ngozi ...
- Aya mateka agaragaza uko ubutore bwagiye bucika bugasimburwa n'ubugwari, ariyo mpamvu hongeye gutekerezwa kugarura ubutore mu Banyarwanda no gutangirira ku itorero.

Umuco w'ubutwari

Muri iki gihe no mu bihe bizaza, intore zigomba kuzirikana izazibanjirije kandi zakoze ibikomeye mu bihe bitari byoroshye. Urugero:

- Kuva 1980-1990: hatangiye igihe cyo kwanga akarengane, kukamagana no kwitegura kukarwanya; hakoze ubukangurambaga na “diplomatie” bikomeye.
- Hagati ya 1990-1994: habaye igihe cyo kurwanya akarengane n'imbaraga zose zirimo n'ubwitange buhanitse.

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- 1994: hatangiye urugamba rwo guhagarika no kurwanya “genocide” yakorewe Abatutsi, aho intore zahagurukiye guisama u Rwanda rutarasandara zirarusana byari ibihe bikomeye bisaba kwikomeza umutima, cy’ubufatanye, kwihangana no kureba kure.
- UBUTORE N’UBUTWARI

Intore zibyara intwari

- Intore zikora ibikorwa by’ikirenga zivamo intwari, Intwari ni nde?
- Intwari ni umuntu ukurikirana icyo yiyemeje kugera aho kivamo igikorwa cy’ikirenga giftiye abandi akamaro. Abikorwa mu bupfura n’ubwitange bihebuje, kandi akirinda ubugwari mu migirire ye, ntagamburuzwe n’amananiza. Igikorwa cy’ubutwari kigaragazwa n’ubwitange ku buryo uwagikoze yashobora kukizira.
- Ubutwari bushingira kuki
- Ubutwari bushingira ku bitekerezo byuzuye ubuhanga bwihariye, bukagaragarira mu bikorwa by’ubwitange. Hagamijwe guhindura imibereho y’umuryango w’abantu mu buryo bwiza kandi bikoranywe ubuhanga bwihariye buhebuje.
- Intera z’ubutwari
- Mu ntware z’igihugu habamo ibyiciro bisumbana ku buryo bukurikira:
- Imanzi: ni intwari y’ikirenga kandi ibigirwa itakiriho
- Imena iyinginga Imanzi
- Ingenzi ikayingayinga Imena

III. Intera ziganisha ku butwari

1. Intore ni impfura ishyira mu bikorwa imigabo n'imigambi by'igihugu ikagera ku ntego yiyemeje mu mihigo.

2. Ubupfura ni ukugira umutima ukunda, umutima w'impuhwe n'imbabazi, wakira ntiwirate, wakena ntuhemuke. Ubupfura ntiburenganya kandi ntibwikubira. Impfura muragendana ntigusige, mwaganira ntikuvemo, mwasangira ntigucure, wapfa ikakurerera. Impfura irangwa n'urugwiro, ikakira neza abayigana, ntiyandavura, ntiyica umugambi, yubahiriza igihe, ntivunda, irangwa n'ukuri, iratuza, ikoroshya kandi ikorohera n'abandi...

3. Inyangamugayo Ni umuturage ushyira mu gaciro, akavugisha ukuri agahora ahuza abandi cyangwa akemura ibibazo byabo nta maronko agamije.

4. Umuturage usanzwe ni umunyagihugu utagira icyo yica n'icyo akiza, rimwe na rimwe aba nyamuja iyo bijya.

5. Ibigwari :

Ibigwari bibamo ibyiciro byinshi :

- a) Ntibindeba
- b) Sinteranya
- c) Rusahurira mu nduru
- d) Ibisambo
- e) Inyangabirama
- f) Abagizi ba nabi
- j) Abicanyi
- h) Abajenosideri

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

Umutoza wese aharanira kuvana abo atoza cyangwa we ubwe kuva ku rwego ariho azamuka mu ntera ava ku rwego ariho ajya ku rwisumbuye.

III.9 Ibizira ku butwari

Imyitwarire igayitse ibangamira ubutwari harimo ibi bikurikira:

a. Ubugwari.

Ikigwari ni wawundi utagize icyo amarira abandi kandi udashobora kugera ku ntego. Nta shobora gukiza abashyamiranye, ahora afite ubwoba, agatinya kwitanga no kuvugisha ukuri ngo atiteranya.

b. Ubuhemu.

Mu bijyanye n'ubutwari, ubuhemu bugaragarira mu gutererana abandi no kutubahiriza ibyo basezeranye. Guhemuka bishobora no kuvamo kugambanira abo mwari mufatanyije urugamba.

c. Inda nini

Inda nini ituma umuntu atareba kure, agatererana abo bari kumwe, umugambi bihaye ntawuhe agaciro, agakurikirana inyungu bwite aho gufatanya n'abandi. Ntiyita ku bandi, arikunda, agira ubusambo.

III.10 Ubuzima bw'abantu babaye Intwari

a. Ingabo itazwi izina

Igisobanuro cyerekeye ingabo itazwi izina

Ingabo itazwi izina ihagarariye Ingabo zose z'u Rwanda zaguye ku rugamba cyangwa se zashoboraga kurugwaho mu gihe cyahise, icy'ubungubu n'ikizaza zirwanirira Igihugu.

Ingabo itazwi izina yatoranyijwe mu zindi ngabo zemeye guhara ubuzima bwazo kandi zitabashije kumenyekana ku buryo

bwihariye.

Ubwitange bw'iyi Ngabo ni urwibutso n'urugero rw'ubutwari bw'Ingabo zitagira ingano ziyemeje kwitanga zirengera ibyo u Rwanda rukeshya kubaho, ubusugire n'ubumwe bwarwo nk'uko Umunyarwanda wese yagombye kubirwanirira ndetse no kubyitangira.

Ingabo itazwi ni ikimenyetso mu zindi ngabo zemeye guhara ubuzima bwazo kandi zitabashije kumenyekana ku buryo bwihariye. ²

b. Major General Fred GISA RWIGEMA



Yavukiye i Mukiranze mu Karere ka KAMONYI mu Ntara y'Amajyepfo ku wa 10 Mata 1957.

Ni mwene Anasitazi KIMONYO na Gatarina MUKANDILIMA

Yashakanye na Jeannette URUJENI, basezerana ku wa 20 Kamena 1987. Babyaranye abana babiri: GISA Junior na GISA Teta.

² MINISPOC: INTWARI Z'U RWANDA (2004)

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

Yatabarutse ku wa 2 Ukwakira 1990 i Kagitumba mu Karere ka Nyagatare mu Ntara y'Iburasirazuba, agwa ku rugamba amaze gutangiza Intambara yo kubohora u Rwanda.

Mu bwana bwe, Fred RWIGEMA yakundaga kwibaza icyatumye iwabo bava mu Rwanda n'icyabuze kugirango basubireyo. Yakundaga gusoma ibitabo by'abaharaniye kubohora ibihugu byabo nka KWAME NKRUMAH, MAO- TSE- TUNG na FIDÈLE CASTRO.

Mu 1974 nibwo yiyemeje kureka amashuri asanzwe ajya muri Tanzaniya gukurikirana imyitozo ya gisilikare na politike.

Mu 1976 yayikomereje muri Mozambique arikumwe n'abandi mu mutwe wa Front for National Salvation (FRONASA) bari hamwe n'indi mitwe nka ZANU, ZAPU, ANC, KM na FRELIMO bafashwaga na Nyakwigendera Julius NYERERE.

Mu 1979 yari mu bagaba ba FRONOSA mu ntambara yavanyeho ubutegetsu bw'igitugu bwa Idi Amin ayoboye umutwe w'ingabo witwaga Mondlane ya kane (Mondlane 4th Infantry Column)

Mu 1981, ari kumwe n'abandi basore 27 barimo abanyarwanda 2 Fred RWIGEMA ubwe na Paul KAGAME yatangiriye na KAGUTA MUSEVENI intambara yo kurwanya igitugu cya Obote.

Kuva mu 1985, Fred RWIGEMA yakomeje kuba umwe mu bayobozi bakuru ba National Resistance Army (NRA), ishami rya gisirikare rya National Resistance Mouvement (NRM). Aho niho yabonye umwanya wo gutegurira Abanyarwanda intambara yo kwibohora.

Ataretse kuba Umunyarwanda, Nyakwigendera Fred RWIGEMA yagiye agira imyanya ikomeye muri NRA :

- Umugaba Mukuru wungirije w'ingabo (Deputy Army Commander)

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- Minisitiri wungirije w'Ingabo (Deputy Minister of Defense)
- Umugaba Mukuru w'imirwano (Overall operations Commander)

Muri icyo mirwano yose yo mu mahanga, Fred RWIGEMA yari umusirikari nyakuri, w'intangarugero mu mikorere no mu myifatire, mu kinyabupfura no kubahiriza amategeko. Ariko muri byose, yahozaga u Rwanda ku mutima, adahwema kuvuga «*ko kubohora u Rwanda ari ngombwa.*» Fred RWIGEMA yaranzwe n'ubupfura, n'ubuhanga, kuba umunyakuri, areba kure, azi kwihangana, yubaha bose, ategukeshya urugero, akunda umuco nyarwanda n'imikino, umuhuza w'abantu.

Fred RWIGEMA yabaye urugero rwo kwitanga no gukunda Igihugu.

C. UMWAMI MUTARA III RUDAHIGWA CHARLES LÉON PIERRE



Intore ntiganya ishaka ibisubizo

Yavukiye i Nyanza mu Karere ka Nyanza mu ntara y'Amajyepfo muri Werurwe 1911.

Ni umwana w'Umwami Yuhi wa V MUSINGA na NYIRAMAVUGO KANKAZI Radegonde.

Mutara III yimitswe ku ngoma ya Guverineri VOISIN abifashijwemo na Musenyeri Classe ku wa 16 Ugushyingo 1931, se Musinga amaze gukurwa ku ngoma ku wa 12 Ugushyingo 1931 agacirirwa i Kamembe mu Kinyaga, nyuma akajyanwa i Moba muri Kongo Mbiligi aho yaguye mu 1945.

Ku wa 15 Ukwakira 1933, yashakanye na NYIRAMAKOMALI batana ahagana mu 1940. Nyuma yaho ku wa 18 Mutarama 1942, ashakana na Rosaliya GICANDA: ntiyabyaranye nabo.

Ku wa 17 Ukwakira 1943 yabatijwe na Musenyeri Léon Classe, yitwa Charles Léon Pierre, abyarwa muri batisimu na Guverinieri Mukuru wa Kongo Mbiligi na Rwanda-Urundi, Bwana Pierre Ryckmans, abatizwa hamwe na nyina, umugabekazi NYIRAMAVUGO, KANKAZI, wiswe Radegonde.

Umwami Mutara III RUDAHIGWA yakoze politike yo kumvikana na Kiliziya Gatolika na Leta Mbiligi, kugeza n'aho atuye Kristu Umwami ingoma y'u Rwanda i Nyanza ku muni wa Kristu Umwami ku wa 27 Ukwakira 1946.

Hagati ya 1950 na 1959 ubwo yatanze aguye i Bujumbura mu buryo butunguranye kandi budafututse, kuwa 25 Nyakanga 1959.

Umwami Mutara III RUDAHIGWA yaharaniye guteza imbere imibereho y'abanyarwanda n'ubwigenge bw'u Rwanda.

RUDAHIGWA yaranzwe no kurwanya akarengane mu butabera abigaragariza mu rukiko rw' Umwami no mu mirimo ya buri muni, aho yirirwaga arenganura abaturage cyane cyane

abaciye bugufi.

Rudahigwa yitaye cyane ku kurwanya ubujiji mu banyarwanda. Ni muri urwo rwego yashinze :

1. Ikigega cyitiriwe Mutara,
2. Yasabye Koleji Abayezuwiti barayimuha, ndetse ibikoresho byo kuyubaka bikoranyirizwa i Gatagara aho yagombaga kubakwa, nyuma Abayezuwiti bisubiraho bayijyana i Bujumbura kuba “ Collège Interracial du Saint Esprit;
3. Yashinze ishuri ry’Abayisilamu ku Ntwali i Nyamirambo
4. Yashinze ishuri ry’Abenemutara ry’ i Kanyaza
5. Yohereje abanyarwanda kwiga i Burayi

Mutara III RUDAHIGWA yatangiye impinduramatwara muri politike akuraho inkuku zakamirwaga umwami, yishakira ize bwite akuraho imirimo y’agahato yitwaga akazi (ishiku+uburetwa), akuraho ubuhake abagaragu bagabana na bashebujya, ashaka gukuraho igitabo cy’umusoro cyanditse amoko, Ababiligi barabyanga.

RUDAHIGWA yahirimbanaye ubumwe n’ubwigenge by’Abanyarwanda ku buryo abanyarwanda bose batekereza ko aribyo yazize kimwe na Lumumba na Rwagasore.

d. Bwana RWAGASANA Michel



Yavukiye i Gitisi na Nyamagana mu Karere ka Ruhango, mu Ntara y'Amajyepfo mu 1927. Mu 1956 yashakanye na Suzana Nzayire, babyarana abana batatu. Hagati ya 1945 -1950 yize muri Groupe Scolaire ya Astrida (Urwunge rw'Amashuri rw'i Butare mu Karere ka Huye) bitaga SHARITI ahakura impamyabumenyi mu by'ubutegetsi (diplome administrative).

Michel RWAGASANA yakoze imirimo inyuranye yose yerekana ko yagirirwaga icyizere kubera ubunyangamugayo n'umwete bye. Yabaye umukozi wa Leta Mbiligi

i Bujumbura. Yabaye Umunyamabanga w'Inama Nkuru y'Igihugu kuva yajyaho muri 1954. Yabaye Umunyamabanga wihariye w'Umwami Mutara III RUDAHIGWA.

Kubera guharanira ubumwe, ubwigenge bw'u Rwanda no kurwanya amacakubiri yabaye Umunyamabanga wa mbere wa UNAR ajya mu ntumwa z'u Rwanda zaruhagarariraga mu bindi bihugu no muri Loni.

Michel RWAGASANA yatanze urugero ruhebuje rwo gushyira imbere inyungu z'igihugu aho kwita ku ze bwite kuko aba yaremeye politikiye y'ironakoko, agahabwa umwanya ukomeye mu Rwanda rwayoborwaga na Mwene se wabo Perezida Gregoire KAYIBANDA.

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

Rwagasana yaje kwicwa ku wa 23 ukuboza 1963 na Leta ya Kayibanda azize ibitekerezo bye byo kwamagana amacakubiri.

e.UWIRINGIYIMANA Agathe



Yavutse mu bagore ka Gisagara mu Ntara y'Amajyepfo ku wa 23 Kamena 1953. Ni mwene NTIBASHIRAKANDI Yuvenali na NYIRANTIBANGWA Saverina.

Yashakanye na BARAHIRA Ignace mu 1976 babyarana abana batanu.

Yabaye Minisitiri w'Amashuri abanza n'ayisumbuye. Muri icyo gihe yagize umutima wa kigabo arwanya akarengane k'iringaniza ku ngoma ya HABYARIMANA y'irondakarere n'irondakoko. Ku wa 17 Nyakanga 1993 yabaye Minisitiri wa mbere w'Umugore kugeza tariki ya 7 Mata 1994 ubwo yishwe n'abari ingabo z'igihugu.

Ntawashidikanya ko ari umwe mu bagore b'abanyarwanda baharaniye uburenganzira bw'umunyarwandakazi .

f. Félicité NIYITEGEKA



Yavukiye i Vumbi mu Karere ka Huye mu Ntara y'Amajyepfo mu 1934. Ni mwene SEKABWA Simoni na NYIRAMPABUKA Angelina.

Yishwe ku wa 21 Mata 1994, mu gihe cya Jenoside kubera ko yanze kwitandukanya n'abo yari yarahaye ubuhungiro hamwe na bagenzi be bari mu kigo cya Mutagatifu Petero (Centre st Pierre) ku Gisenyi. Musaza we Koloneli NZUNGIZE yari yamutumyeho ngo asezerere izo mpunzi maze muri icyo kigo agisigemo ba nyagupfa. Nibyo yanze mu kabaruwa kuzuye urukundo yandikiye uwo musaza we.

Mu mibereho ye NIYITEGEKA Félicité yerekanye bwa butwari bwa buri munsu mu mirimo umuntu aba ashinzwe, haba mu byerekeye kwigisha no kurera,

mu gucunga umutungo w'ibigo yakozemo, haba mukuyobora abinjiraga mu muryango w'Abafasha b'Ubutumwa no gufasha abatishoboye. Ibyo byose yabigiranye ubushishozi bwinshi bagenzi be bakabimwubahira kandi bakabimukundira.

Kuba intangarugero yari yarabigize umuco nicyo cyamufashije mu kwemera kwitangira abari baramuhungiyeho ahitamo kwicwa aho kugwa mu ngengabitekerezo y'ivanguramoko.

g. Abanyeshuri b'i Nyange



Abemewwaho ubutwari ni abari mu kigo cy'i Nyange mu ijoro ryo kuwa 18 Werurwe 1997 mu ishuri ryo mu mwaka wa gatandatu n'uwa gatanu igihe abacengezi batera icyo kigo, ari abapfuye ari n'abatarapfuye iryo joro.

Abanyeshuri b'i Nyange baharaniye ku mugaragaro amahame y'ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda kugeza aho bamwe babizira babizi, bemera guhara ubuzima bwabo aho kwivangura. Babereye Abanyarwanda muri rusange n'urubyiruko by'umwihariko, urugero rw'urukundo, kurwanya amacakubiri no kwitangira uburenganzira bwa muntu.

III.11 Amazina y'abanyeshuri b' Inyange bigaga mu mwaka wa 5 n'uwa 6

Abari mu mwaka wa gatandatu

- a. MUJAWAMAHORO Marie Chantal
- b. BIZIMANA Sylvestre
- c. MUKAMBARAGA Béatrice
- d. BAVAKURE César
- e. BIROLI Jean Népomoscène
- f. KAYIRANGA Aloys
- g. MINANI Pascal
- h. MUHINYUZA Florence
- i. MUKAHIRWA Joséline
- j. MUKANYANGEZI Dative
- k. NDAGIJIMANA Pierre Célestin
- l. NDAHIMANA Jean Baptiste
- m. NKUNDUWERA Angélique
- n. NYAGASAZA Joseph
- o. SINDAYIHEBA Phanuel
- p. TUYISHIMIRE Jeana Marie Vianney
- q. URIMUBENSHI Emmanuel
- r. UWIZERA Florence

Intore ntiganya ishaka ibisubizo
Abari mu mwaka wa gatanu

1. BENIMANA Hélène
2. MUKARUTWAZA Séraphine
3. NDEMEYE Valens
4. ABAYISENGA Théodette
5. BAYISENGE Noël
6. GATERA Silas
7. KAMAYIRESE Gráce
8. KANYEMERA Augustin
9. MUHAYIMANA Libérée
10. MUKESHIMANA Béatrice
11. MUKESHIMANA Florence
12. MUSABIMANA Florence
13. MUSONI Clément
14. MVUKIYEHE Jeana Baptitse
15. NIMISHIMWE Marie
16. NIYITEGEKA Vénant
17. NIYONGIRA Ferdinand
18. NIZEYIMANA Emerthe
19. NIZEYIMANA Emmanuel
20. NSABIMANA Ntwali
21. NTAKIRUTIMANA Jeana Claude
22. NYINAWANDINDA Espérence
23. NYIRANDAYISABA Monique

24. NYIRANZABANDORA Marie Rose
25. RUHIGIRA Emmanuel
26. SIBOMANA Ananie
27. SIBOMANA André
28. UKULIMFURA Adolphe
29. UWAMAHHORO Prisca.

III.12 Indirimbo ziranga ubutwari

- a. Indirimbo zose za RDF
- b. Indirimbo yubahiriza Igihugu
- c. Indirimbo ku ntware z'u Rwanda.

UMWANZURO

Ubutwari nk'indangagaciro yo gukunda Igihugu; ni umuco buri gihugu kivomamo imbaraga kugirango kigere ku mutekano n'imibereho myiza y'abagituye muri rusange.

U Rwanda by'umwihariko rukwiye kwimakaza umuco w'ubutwari kubera amateka mabi akomoka ku buyobozi bubi bwageze naho bugororera abahemutse, bityo ubutwari mu byiza bukaba bwarapyinagajwe.

Muri ayo mateka mabi yaranzwe n'ubuhinzi bw'urudaca, ubukene bwabaye karande, intambara zitari ngombwa, kubura agaciro mu gihugu ukirimo, n'amahano ya Jenocide, ku buryo ntawabura kuvuga ko u Rwanda rwahuye n'ihungabanywa ry'uburenganzira bwa muntu kurusha ibihugu byinshi.

Niyo mpamvu u Rwanda rukwiye kuba ku isonga y'ibihugu biharanira ubutwari kugirango ruzibe icyuho rwagize. icyizere kandi kirahari kubera ubushake.

IV. AMATEKA Y'URUGAMBA RWA RPF MU KUBOHORA U RWANDA

IV.1 Intangiriro

RPF – Inkotanyi ni Umutwe wa Politiki washinzwe muri 1987 uturutse mu cyahoze ari RANU.

RPA ni Umutwe w'Ingabo za RPF wakoreraga rwihishwa mu ngabo za NRA ya Uganda. Ku ya 1 Ukwakira 1990 nibwo RPA yatangiye urugamba rw'amasasu rwo kubohora Igihugu binjiriye ku mupaka w'u Rwanda wa Kagitumba.

IV.2 Intego

Nyuma yiri somo, uwatojwe azaba azi neza kandi ashobora gutoza abandi amateka y'urugamba rwo kwibohora mu Rwanda no kwerekana ubutwari bwaruranze.

Uhuguwe agomba kuba ashobora gusobanura ibi bikurikira ari nabyo bigize isomo:

- a. Urugamba rwa RPF/RPA
- b. Intambwe n'inzitizi z'urugamba
- c. Urugamba rugize ubuyobozi bushya
- d. Amasezerano y'amahoro y'Arusha
- e. Urugamba rwo guhagarika Jenocide
- f. Urugamba rwo guhangana n'ingaruka za Jenocide
- g. Ibisabwa Intore muri uru rugamba

IV.3. Gusobanura amagambo

RPF-INKOTANYI cyangwa FPR-INKOTANYI: ni Umutwe wa Politiki watangiye muri 1987, wahagaritse Jenocide, wabohoje kandi uyobora u Rwanda kuva 1994 kugeza ubu (2014). Mu magambo arambuye witwa Rwandese Patriotic Front-Inkotanyi cyangwa Front Patriotique-Inkotanyi.

RPA/APR umutwe w'ingabo za RPF/FPR warwanye urugamba rwo kwibohora no guhagarika Jenocide ariko kuva muri 2002 yahinduye izina yitwa Rwanda Defense Forces (RDF).

IV.4 Inkomoko ya RPF/RPA

Imvururu za 1959-1962 n'ubwo zakurikiwe no gusubizwa ubwigenge, zatumye ibihumbi by'abanyarwanda bahungira mu bihugu bikikije u Rwanda, abenshi batuzwa mu nkambi za UNHCR kumara imyaka irenga 30 naho abandi batura mu giturage hanze y'inkambi.

Mu bihe bya mbere by'ubuhunzi (1962-1968) umutwe w'Inyenzi wagabye ibitero ushaka kugarura impunzi mu gihugu ariko ntibyashoboka.

Ibi byavuyemo ko Leta yariho yatangiye gutoteza no kwica Abatutsi batahunze biswe ibyitso by'izo nyezi. Ibi byatumye impunzi n'abakuwe mu byabo biyongera, bamwe bagirwa impunzi mu gihugu cyabo (Bugesera, Rukumberi)

IV.5 Intego 8 za RPF- INKOTANYI

1. Kugarura Ubumwe bw'Abanyarwanda
2. Guharanira Ubusugire n'Umutekano w'Abantu n'ibyabo
3. Guharanira ubutegetsi bushingiye kuri demokarasi
4. Guharanira ubukungu bushingiye ku mutungwo bwite w'Igihugu

5. Kurwanya ruswa no gutonesha
6. Guharanira imibereho myiza y'abaturage
7. Gucyura impunzi no gukuraho impamvu zitera ubuhunzi
8. Guharanira ububanyi n'amahanga bushingiye ku buhahirane, ubufatanye n'ubwubahane.

IV.6. Gufata Intwaro:

Impunzi zasabye gutaha kenshi Leta ivunira ibiti mu matwi. Ibibazo bya Politiki byari muri Uganda muri 1982 byatumye Obote yirukana Abanyarwanda bageze mu Rwanda Habyarimana abatuza mu nkambi I Nasho, baba impuzi iwabo. Ibi, wongeyeho imibereho mibi no kutagira icyizere cy'ejo ku mpunzi n'abamwe mu bari mu Rwanda byabaye intandaro y'urugamba rwo kwibohora.

RPF/RPA imaze kubona uburyo bwo kumvikana na Leta y'u Rwanda binaniranye, byabaye ngomba ko ifata intwaro kugirango irwanye umwanzi kugeza habaye ubwumvikane.

IV.7 Ibyiciro byari bigize RPA

- a. Abahoze mu ngabo za NRA.
- b. Intiti/Abanyabwenge
- c. Abaturage basanzwe
- d. Abanyeshuli (ni bo bari benshi)

IV.8 Intambwe n'inzitizi z'Urugamba rwa RPA muri 1990 – 1991

- a. Ingabo zariyongereye kandi ziregeranywa
- b. Gutangira urugamba bafungura Kagitumba

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- c. Ibitero byinshi kandi bikomeye mu Mutara.
- d. Imfu z'abayobozi zashegeshe RPA, ariko urugamba rurakomeza

IV.8.a Inzitizi za RPA -1990-1991

- a. Impfu z'abayobozi bakuru ba RPA, ariko urugamba rurakomeza**



- b. Kutamenya neza ahabera isibaniro
- c. Umwanzu ukomeye kubera ubufatanye n'ibihugu bikomeye nk'Ubufaransa

IV.9 Urugamba rugize ubuyobozi bushya



IV.10. Ibikorwa Commander Kagame Paul yagaragaje

Commander KAGAME Paul yagaragaje ibikorwa byinshi bitandukanye bigaragaza ubwitange buhanitse, harimo nko gushyiraho ubuyobozi bukomeye ndetse anavugurura bimwe mu bikurikira:

- a. Gutanga icyerekezo n’itego bishya kandi bisobanutse.
- b. Imikorere iganisha ku ntego
- c. Kumenyekanisha neza iyo ntego
- d. Intangarugero mu kwerekana ingamba zibyara intego
- e. Kuvugura inzego kugirango intego n’icyerekezo igerweho
- f. Kongera umurava n’ubushake mubagize inzego z’abo bakorana bose
- g. Gufata ibyemezo bikarishye mu gusubiza ibibazo byariho
- h. Ubuhanga bwo guhangana n’impinduka n’amakimbirane
- i. Guteza imbere ububasha bwo kuyobora mubo bakorana

IV.11 Gusubira inyuma

- a. Umuyobozi mushya yasabye ko ingabo za RPA zigaruka Kagitumba, yimura ibirindiro kandi ahindura isura y’urugamba.
- b. Urugamba mu birunga n’imisozi miremire!
- c. Urugamba rw’ibiteroshuma rutesha umwanzi umutwe



IV.12 Ingamba zafashwe

- a. Kongera umubare w'ingabo
- b. Gutangiza imyitozo yo ngerera ingabo ubushobozi bwa gisirkare
- c. Kubashakira ibikoresho
- d. Ibi byatumye abari inyeshyamba bagira ubunyamwuga mu kazi

IV.13 Intambwe n'inzitizi z'Urugamba rwa RPA muri 1992 – 1993



RPA yakomeje gutwaza ijya imbere, umwanzi asubira inyuma, haba “Igihugu mu kindi”



Ibi byatumye Leta isaba imishyikirano

IMISHYIKIRANO YA ARUSHA



Abayobozi ba RPF/RPA baja inama bari Arusha

Amasezerano ya Arusha yasinywe tariki 04/08/1993 ikubiyemo ibyingenzi bikurikira:

- a. Isaranganya ry'ubutegetsi mu mashyaka menshi, Habyarimana nka Perezida, Twagiramungu nka Minisitiri w'Intebe, Kanyarengwe nka Minisitiri w'Intebe Wungirije etc;

Intore ntiganya ishaka ibisubizo


- b. Abasirikare 600 bajya Kigali kurinda abayobozi FPR izaba yohereje.
- c. Kuvanga ingabo, Leta igatanga 60%, FPR 40%;
- d. Gushyiraho komisiyo za: Uburenganzira bwa muntu; Gucyura impunzi; Gusezerera abavuye ku rugerero; Ubumwe n'ubwiyunge etc;
- e. Kugira Igihugu kigendera ku mategeko (Rule of law);
- f. Buri munyarwanda gutura aho ashaka (Gukuraho permis de residence);
- g. Gushyiraho Leta y'inzibacyuho y'imyaka 5 izakurikirwa n'amatora;
- h. Ibindi.

IV.14 RPA yitegura intambara ebyiri nyuma y'isinywa ry'amasezerano:

- a. Urugamba rwo kuvanga n'abasirikare ba Leta;
- b. Urugamba rwo kunesha umwanzi igihe amasezerano atubahirijwe.



Tariki 25/12/1993 RPA bambitswe impeta z'Igihugu bitegura kuvanga n'ingabo za Leta




Intambwe n'inzitizi z'Urugamba rwa RPA muri 1993 – 1994



Uruhare rw'abafaransa muri Jenocide-baratoza Interahamwe!



Uruhare rw'abafaransa muri jenocide-bahagarikiye Interahamwe!



RPA mu guhagarika jenoside mbere yo gufata Kigali

1V.15 Ingamba z’iterambere n’umutekano mu gihugu

Nyuma y’intambara zitandukanye no gutahuka kw’impunzi u Rwanda rwatangiye gahunda nyinshi zigamije kubaka Igihugu, zimwe muri zo zikaba izi zikurikira:

- a. Kubaka inzego
- b. Imiyoborere myiza
- c. Kugendera ku mategeko n’ubutabera
- d. Kurwanya ruswa
- e. Gukorera mu mucyo
- f. Ubumwe n’ubwiyunge
- g. Iterambere mu bukungu n’imibereho myiza
- h. Umutekano usesuye

Mu rugendo rwo kongera kubaka Igihugu u Rwanda rumaze kugera kuri byinshi. Intambara nyinshi yasoziyijwe intsinzi, Jenoside yarahagaritse, Ubumwe n’ubwiyunge burakataje, ingabo zatsinze n’izatsinzwe zaravanze, Igihugu kiri kwiubaka bundi bushya kandi gifite ingabo zikomeye zirinda ubusugire

bwacyo.

Ingabo z’u Rwanda zifite uruhare mu butumwa mpuzamahanga bwo kugarura umutekano mu bindi bihugu, Inzego z’umutekano kandi zigira uruhare mu iterambere ry’ubukungu n’imibereho myiza y’abenegihugu muri rusange;

IV.16 Amasomo dukuramo

- a. Insinzi ntituruka gusa ku mbaraga zitsinze umwanzi ahubwo inaturuka ku kwihutisha kugira umudendezo no kuwurinda.
- b. Urukundo rw’Iguhu n’abagituye n’intwari ikomeye mu rugamba rwo kwibohora
- c. Intambara ntirwanwa n’ingabo gusa ahubwo ni ubufatanye bw’abenegihugu muri rusange
- d. Guhuza imbaraga bituruka ku kugira icyerekezo kimwe

IV.17 Imfashanyigisho muri iyi Ndangagaciro

IV.17.a. Indirimbo z’ubutwari

- a. Hatuwezi kurudi nyuma
- b. Umva urugamba ngo rurahinda
- c. Rwanda itagengwa na nini?

IV.17. b. Imigani/Imvugo

- a. Wima Igihugu amaraso, imbwa zikayanywera ubusa
- b. Intwali ntipfa
- c. U Rwanda ruratera ntiruterwa

Umwanzuro

Itorero ry'Igihugu ryashyiriweho gutoza Intore kugirango zihinduke mu myumvire zishobore guhindura abandi zibaganisha ku ubupfura, ubutwari, ubunyangamugayo, gukunda Igihugu byose bigamije impinduramatwara twifuza. Intore zisabwa kuba umusemburo w'ibi byose.

V. IGITARAMO CY'INTORE

V.1 Intangiriro

Mu muco w'u Rwanda harimo uwo gutarama aho abagize umuryango cyangwa abene gihugu bari bafite urubuga bivugiramo ibigwi byabo n'imihigo; bagaragaza ibyo bagiye gukora bijyanye n'imihigo bihaye cyangwa besa imihigo habaga no gutarama bishima kubera impamvu zinyuranye bitewe n'itege y'icyo gitaramo: umuganura, kumurika imihigo ku bavuye ku rugamba no guhabwa amashimwe, gususurutsa igitaramo cyangwa kurata abayobozi cyangwa urungano baca imigani migufi n'imiremire, kwiga gutera impundu, ibisakuzo, kubahana, kwitoza kuvuga neza mu bwitonzi no mu kinyabupfura umurika ibyo wakoze imbere y'abandi). Ibyo bigakorwa mu ruhame binyuze mu byivugo, ibisigo, imbyino, indirimbo, imisango, amazina y'inka, bakagororera indongozi kandi bakagaya ibigwari.

Gutarama wari umuco nyarwanda wari ukubiyemo byinshi kuko niho abakuze n'abakiri bato baganiriraga bagahabwa impanuro zijyanye n'imigenzereze myiza ishimwa n'abandi yarangaga abakurambere babo igashyingirwaho kugirango igihugu kibashye kubaho mu mahoro, kugira icyubahiro, ishema n'igitinyiro kuko babaga barimakaje indangagaciro na kirazira zishingiye kugukunda igihugu n'abagituye, kugira ubutwari, kukunda umurimo, ubwitange, ubumwe.

V.2 Intego rusange

Nyuma y'iri somo uwatojwe agomba kuba asobanukiwe akamaro k'ibitaramo mu kwimakaza indangagaciro z'ubutwari na kirazira z'umuco nyarwanda. Ashobora gutarama, kuyobora ibitaramo neza kandi abikundisha abandi.

V.3 Intego yihariye

Kugarura umuco w'igitaramo nyarwanda hagamijwe gutanga uburere, kwiyubakamo ubutwari no kugaragariza abandi ibyo wakoze.

V.4. Gusobanura amagambo

V.4.a. Igitaramo ni iki?

Igitaramo ni urubuga abantu runaka bafite icyo bahuriyeho baturiramo bafite intego yo kugaragaza ibyo bifuzwa kuzageraho, ibyo bagezeho, bashima muri bo ababaye intwari (indongozi, indashyikirwa) cyangwa bakagaya ibigwari. Igitaramo kandi ni urubuga rw'imirerere aho abato batozwa kumenya imiryango yabo, isano, imico y'umuryango inshuti n'ikizira bigatozwa mu gitaramo cyo kurera no kwimakaza urukundo mu bantu no kumenya imiryango no kuyigiramo akamaro, bigakorwa kandi bishimye kubera ibyiza byibukwa.

V.4.b Imihigo

Imihigo ni uburyo bukoreshwa mu mucu nyarwanda wo kumenyekanisha ibyo uteganya kuzakora mu gihe runaka, uburyo uzabigeraho n'ibyo uzifashisha kugira ngo ubigereho. Imihigo ni igenamigambi wiha rigufasha kwiyemeza kuzagera ku byo uteganiye. Imihigo ikorwa n'uzayesa, akayikorera imbere y'uzamugenzura kugira ngo yemeze ko yayigezeho n'uburyo yayigezeho.

V.5. Amoko y'ibitaramo n'uko byakorwaga

V.5.a Igitaramo cy'uburereboneragihugu

Ni urubuga rwatoretzwagamo imigenzereze myiza n'imico y'uburere bw'umuryango uyu n'uyu, ibisekuru by'umuryango,

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

isano y’abasangiye umuryango n’ibyo bazira, inshuti n’amaboko umurango ufite. Mu gitaramo kandi cy’ubureremberoneragihugu cyatozaga kumenya kuvuga neza mu ruhame, kumenya kuganira no guhana ijamba, ikinyabupfura no kurwanira ishyaka, umuryango no guharanira ishema ryawo. Igitaramo kandi cyari urubuga rwo kugayiramo ibigwari n’abanyamico mibi basebya umuryango runaka binyujijwe mu migani migufi n’imiremire, ibyivugo, ibisigo, ibisakuzo, imbyino, indirimbo, imisango, amahamba,... byose bigamije gutoza, kumenya imico y’umuryango n’inshuti zawo n’ibyo uzira; kuko baca umugani ngo ‘*Utaganiriye na se ntamenya ibyo sekuru yasize avuze*’.

V.5.b Igitaramo cyo kuvuga amacumu (inkera y’imihigo) “accountability”

Ni umuhango abahize gukora igikorwa bahigura ibyo bakoze n’uko babikoze kugira ngo batsinde. Muri iki gitaramo ingabo zimurikaga imihigo y’ubutumwa zahawe; basuzumira hamwe ibyagenze neza, ibitaragenze neza n’impamvuzabiteye hakemezwa n’ingamba zikwiye gufatwa muri gahunda iri imbere. Aho niho batangiraga amashimwe anyuranye: gushimwa mu ruhame, impeta cyangwa umudari w’ishimwe, uruti n’umurinzi... icyo gihe babyitaga kumurika imihigo, bigategurwa kuko cyabaga ari igikorwa gisoza (kwiyeraka Abayobozi babatumye). Muri icyo gihe inzoga y’imihigo ikanyobwaho n’uwahize abandi. Intore zitoranyamo abashinzwe ibi bikurikira:

- a. Gushoza Igitaramo,
- b. Kwinkiza igitaramo indirimbo y’inshotora abataramye ngo bavuge ibigwi n’imihigo byabo,
- c. Gutereka inzoga y’imihigo ihabwa uwivuze neza kurusha abandi,
- d. Userukira abandi mu kuvuga ibigwi no kumenyesha ibyo

zahigiye kuzageraho,

- e. Igihe cyo kumurika imihigo, Intore zose zirangwa no kuba zikeye kandi zitavunda cyangwa ngo zisahinde.

V.5.c Igitaramo cy’umuganura

Ni umuhango wabagaho mu gihe cy’umwero w’imyaka cyane mu mpeshyi aho abana bagize umuryango bazanira umubyeyi wabo ibiribwa n’ibinyobwa bikomoka ku musaruro wa mbere bagasangira basabana, bishimira umusaruro bagezeho kandi bajya ingamba z’igihe gikurikira. Muri icyo gitaramo kandi habamo igikorwa cyo guhiga kuko hari abazana ibyiza cyangwa biryoshye kurushya abandi. Bwari uburyo bwo gusuzuma intambwe umuryango wateye mu bukungu.

V.5.d Igitaramo cy’ubutwari

Ubutwari ni indangagaciro ituma umuntu agira umurava udasanze utuma atinyuka gukora ibikorwa by’indashyikirwa bifitiye benshi akamaro. Kera ubwo butwari bwatozwaga umwana akiri muto haba: mu rugo, mu muryango, mu ishuri, ku rugerero, aho akorera, no ku rwego rw’Igihugu.

V.5.e Igitaramo cy’ibutware

Ni umuhango wakorwaga n’abaturage batuye agasozi (abaturanyi) bagatarama bavuga ibigwi by’ibyaho bahuriyeho kandi ibyemezo bifashwe bikaba ari ibyubaka umutima nama uganisha ku butwari bwubaka “*Baragira ngo iki igakura ndamaze cyangwa ntacyo bitwaye.*”

V.6 Uko igitaramo cyakorwa n’aho cyakorerwa

Dushyingiye ku ngero nziza zaranze ibitaramo bya mbere y’ubukoloni aho igitaramo cyari umwanya wo kwiremamo ishema n’ishyaka by’imigenzereze myiza byubakiye ku

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

ndangagaciro z’umuco nyarwanda; turifuzako mu gitaramo cy’ubu hajya himakazwamo za ndangagaciro zo gukunda igihugu, ubunyarwanda, ubutwari, ubunyangamugayo, ubwitange, gukunnda umurimo no kuwunoza, no kwihehsa agaciro binyujijwe mu ndirimbo, imbyino, imivugo, ibisigo,...

Ibi bikabera :

- a. Mu muryango ni joro igihe cyose bashakiye
- b. Mu mashuri nijoro rimwe mu kwezi
- c. Mu nzego z’imirimo ku manywa rimwe mu gihembwe
- d. Ku rugerero ku manywa rimwe mu kwezi
- e. Mu gicumbi cy’indangagaciro (ku rwego rw’Igihugu, Akarere, Umurenge n’Umudugudu).

V.7 Ingero z’amatorero y’ibitaramo by’umuco

- a. Gakondo Group mu kugarura umuco ya “*Intore MASAMBA*”
- b. Igitaramo “*Ikinamico*” ya “*Itorero Indangamuco*”
- c. Indangamuco za “*Kaminuza y’u Rwanda*”
- d. Ikiganiro “*igicumbi cy’umuco*” kiba kuri “*TVR*” buri wa mbere 20h00

Umwanzuro

Birakwiye ko umuco wo gutarama wagaruka, kuko byagaragaye ko ufasha mu kwimakaza indangagaciro na kirazira umuryango nyarwanda wubakiraho ubumwe bwabo, bigatuma abantu basobanukirwa icyo bapfana bagasenyerera umugozi umwe biyubakamo ishema, ishyaka n’ubutwari.

Intore ntiganya ishaka ibisubizo